

ERIC HABYARIMANA

EMERERA YESU AKWEREKE UKO WAMBARA

*Inama zerekeye imyambaro,
imisokoreze, imitako no kwisiga ku
Bakristo*

Copyright © 2021 by Eric HABYARIMANA
Cover photograph and images © Canva



IBIRIMO

Emerera Yesu Akwereke uko Wambara

01

IMYAMBARO MURI BIBILIYA

- *Adamu na Eva: Kwambara ubusa butabakoza isoni, 13*
- *Nyuma yo gucumura: Kwambara ubusa bukojeje isoni, 16*
- *Ikanzu y'igicro cyinshi ya Yozefu, 23*
- *Imyambaro y'ubutambyi, 28*
- *Umwambaro w'ibigunira, 32*
- *Imyambaro y'Umutambyi Yoswa, 34*
- *Umwana w'ikirara, 36*
- *Umwambaro w'ubukwe, 39*
- *Umwambaro ufite imbaraga ikiza, 43*
- *Umwambaro w'agashinyaguro, 45*

04

UMWIHARIKO MU ISI YA NONE

- *Imyambaro y'ibtingwa, 89*
- *imyambaro y'ubuhehesi, 91*

02

IMYAMBARO MU MIBEREHO

- *Imyambaro n'Umucu, 50*
- *Imyambaro n'inshingano, 54*
- *Imyambaro n'ubuzima, 59*

03

INDI MIRIMBO INYURANYE

- *Kuboha imisatsi, 69*
- *Kogosha ingohe, 73*
- *Amaherena n'impeta, 77*
- *Kwikeba ku mubiri (Tatuage), 80*

05


INAMA Z'IMANA

- *Amahame agenga imyambarire iboneye, 96*
- *Icyo Imana yiteze ku bantu bayo, 104*

0

Intangiriro





**"Ukundishe
Uwiteka Imana
yawe umutima
wawe wose,
n'ubugingo
bwawe bwose
n'imbaraga
zawe zose."**

Gutegeka kwa kabiri 6:5



TUGEZE MU GIHE KIDASANZWE

Turi mu gihe cy'iterambere (post-modernism), aho imvugo "ni uburenganzira bwanjye" yiganje hose.

Nta mico mbonera igishingirwaho, nta mategeko rusange akigenga abantu, nta rugero rw'imyambarire rwashingirwaho rukiriho; ibintu byose buri wese abikora uko abyumva, kandi iyo abajijwe ngo uragira ibiki, arasubiza ati "ni uburenganzira bwanjye."

Uyu muni hari amahuriro y'abantu menshi aharanira uburenganzira bwa muntu: abagabo bendana (gays) barakwiriye mu mahanga yose baburana uburenganzira bwabo bwo kwemererwa gusezerana imbere y'amategeko ndetse n'imbere y'abanyamadini; abagore na bo ntibatanzwe barifuza guhabwa ubwo burenganzira (lesbians);

Ntabwo bitangaje, kuko umuntu Imana yamuremanye umudendeze wo guhitamo ikimubereye. Ntabwo Imana yifuje kuyobora abantu nk'inka, ahubwo yabahaye umudendeze wo kwihitiramo hagati y'icyiza n'ikibi (Gutegeka kwa kabiri 31:15-19).

Buri mugabane w'ibibera ku isi ufite umwanya mu ntambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi. Inyoko-muntu yose ifite umwanya muri uru rugamba rukomeye. Amahitamo yacu ya buri muni yerekana uruhande duhagazemo urwo ari rwo muri icyo ntambara.

“Imana ntihata ubushake cyangwa guhitamo k'uwo ari we wese. Ntabwo yishimira uyumvira abihatiwe. Ishaka ko ibiremwa yaremesheje intoke zayo biyikunda kuko ikwiriye gukundwa. Ishaka ko biyikunda kuko bifite ibitekerezo byo gushima ubuhanga bwayo, ubutabera bwayo, n'ubugiraneza bwayo. Kandi abumva bese bafite iyi mico y'Imana bazayikunda kuko bazakomeza kuyegera bishimira imirimo yayo itangaza.” [1]

Iki gitabo kigendereye gusuzuma umugabane w'imyambaro muri iyi ntambara ikomeye. Nta gushidikanya, umuntu wese akeneye kwambara. Abanyarwanda barabyanzuye baravuga bati “uwambaye neza agaragara neza.”

Umuhanga mu by'imatekerereze (psychologist) Abraham Maslow (1908-1970), uzwi cyane ku cyiswe “Imbonerahamwe y'ibikenerwa ya Maslow”; ku mwanya wa mbere w'iyi mbonerahamwe, tuhabona urutonde rw'ibyibanze umuntu akeneye ari byo: amafunguro, amazi yo kunywa, aho kurambika umusaya, ndetse n'imyambaro na yo.

Nyamara si Maslow wabanje kubyerekana, ahubwo Umwami wacu Yesu Kristo yigishije abazamukurikira bose kwita ku bandi bahereye ku by'ibanze abantu bakeneye harimo n'imyambaro muri aya magambo:

“Umwami azabwira abari iburyo bwe ati ‘Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw’isi, kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransūra, nari mu nzu y’imbohe muza kundeba.’ Matayo 25:34-36.

Intumwa Pawulo na we ahugura abayoboke ba Kristo, yerekanye ko imyambara ari kimwe mu by'ibanze umuntu akeneye, ati:



“Kuko ari nta cyo twazanye mu isi kandi nta cyo tuzabasha kuyivanamo. Ariko [niba] dufite ibyo kurya n’imyambaro biduhagije tunyurwe na byo,” 1 Timoteyo 6:7-8

Biragaragara ko imyambaro ari icyangombwa nkenyerwa mu buzima bwa muntu rwose. Ni cyo gituma itabasha kwirengangizwa mu rugamba rw'Intambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi.

Icyiyongera kuri ibi kandi, imyambaro ni urwandiko rubasha gusomwa na buri wese, atiriwe abaririza, akabasha kumenya abo turi bo. Iki gitabo ntikigendereye gusuzuma akamaro k'imyambaro; ntabwo kigiye kubarangira imyambarire igezweho muri iki gihe, ahubwo kigamije kwirebera imyambaro n'imico mbonera y'abubaha Imana.

“Umwanzi w’ ibyiza ni we ushyigikiye ubuhumyi bw’imidodere y’imyambaro ihora ihindagurika. Nta kintu akunda cyane cyahwana nk’ abakunda kuzana ibyo kubabaza Imana no gukoza isoni icyubahiro cyayo abikoresheje ubuhanya no kurimbura abantu.

Uburyo bumwe akoresha kugira ngo abigereho ni ubuhendanyi bw’ izo ngeri za mode zicogoza umubiri, zigaca intege ibitekerezo no gupfobya ubwenge. Imana niyo yaremye ibyiza byose, kandi niyo dukorera ibihuje n’ ibyo ishaka, tuba turi hafi yo kugera ku rugero rw’ ubwiza nyakuri.” [2]



Ni ikibazo cy'urukundo

Ntangazwa n'ubusobanuro
Salomo aha ijamba urukundo
agira ati:

*“kuko urukundo rukomeye
nk'urupfu... ibirimi byarwo ni
nk'iby'umuriro... Umuntu watanga
ibyo afite mu rugo rwe byose, kugira
ngo agure urukundo yagawe rwose.”
Indirimbo 8:6-7*



Igihe umukunzi wanjye yinjiraga mu
buzima bwanjye, hari byinshi
byahindutse byerekeye uko nari
nsanzwe mbayeho kandi
nabihinduye nezerewe cyane
kubw'ikibatsi cy'urukundo
rwangurumanagamo.

Yanshyiriyeho itegeko ry'uko nzajya
nambara, uko nzajya niyogoshesha
n'uko ubwanwa buzajya bucongwa
n'aho bugomba kugarukira.

Ariko ntabwo ayo mategeko yayashyizeho kugira ngo nyubahirize maze tubone kukundana. Oya rwose. Ayo mategeko yayampaye kuko dukundana, maze anyereka uko we yifuza kumbona meze.

Ni nako bimeze mu buzima bw'iby'umwuka. Niba koko dukunda Yesu, tuzanezewa no gukora ibyo yishimira kandi imigendere yacu yose uko yakabaye izagendera ku byifuzo bye.

Urukundo dukundana na we ni rwo ruzaba impamvu idutera gukora ibyo dukora ku bwe.



Uwo “tumukunda kuko ari we wabanje kudukunda” (1 Yohana 4:19). Kandi niba urukundo yadukunze rwaramaze kutureshya, tukaba tumukunda koko, aradusaba ikimenyetso agira ati: “nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye” (Yohana 14:15).



Igihe ikibazo cy'imyambarire kivutse ntabwo umukristo akwiriye kwibaza ati 'Mbese ibi nabyo ni ngombwa ngo nkomeze kuba umwana w'Imana?' ahubwo ikibazo akwiriye kwibaza ni iki ngo "Mbese ni iki nakora kuri ibi ngo nshimishe Yesu nkunda?"


Urukundo ukunda Umwami wawe ni rwo ruzagutera kwinjira mu bushakashatsi Pawulo atwibutsa kandi ubikore unezerewe n'umuhati mwinshi:

"Mushakashake uko mwamenya ibyo Umwami ashima" (Abefeso 5:10).

1

IMYAMBARO MURI BIBILIYA





Bibiliya iduhishurira ko uhereye mu
ntangiriro y'amateka ya muntu,
imyambaro yabaye igikoresho
kibitsemo ibyigisho bikomeye
byerekeye agakiza ka muntu. Reka
dufate ingero nke z'imyambaro
iboneka mu Byanditswe Byera
idufasha kumva neza umugambi
w'Imana ku nyokomuntu.



1.1 ADAMU NA EVA: KWAMBARA UBUSA BUTABAKOZA ISONI

Igihe umuntu yaremwaga yari ku rwego rwo hejuru gusumba ibindi biremwa byose byari ku isi. Umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana. Iyo shusho y'Imana ntabwo yakomotse ku ihindagurika ry'igihe kirekire kingana na za miliyari z'imyaka nk'uko siyansi zimwe zitubwira.

Abigisha b'iby'ihindagurika (Theory of Evolution) bavuga ko umuntu yatangiye ku rwego rwo hasi cyane (ari agasimba kataboneshwa amaso), hanyuma akomeza guhinduka kugera abaye umuntu wuzuye.

Nyamara ibi bihabanye n'ukuri kwa Bibiliya. Bibiliya itubwira ko umuntu yaremwe atunganye rwose, "afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye" Itangiriro 1:27.

"Mbere umuntu akiremwa, yari yahawe imico myiza n'umutima uhuguka. Nta nenge yari afite, kandi yashyiraga hamwe n'Imana. Ibyo yatekerezaga byari imbonera, kandi ibyo yari agamije byareraga... Abantu bataracumura, buzuraga n'uwo 'ubutunzi bwose no kumenya byahishwemo.' Abakolosayi 2:3" [3]

Adamu na Eva bashyikiranaga n'Imana imbonankubone, amahirwe tutagifite ubu, kubera ko icyaha kitambitse mu nzira yacu.

Ni ubupfapfa bwa muntu kwibwira ko umuntu yaturutse ku kantu gato kataboneshwa ijisho akagera aho abaye umuntu, kuko iyo bigenda bityo, ntabwo uyu muni tuba tubona abantu basyigingiye ku mubiri no mu bitekerezo, ubagereraniye n'abatubanjirije tuzi mu mateka.

Tubasha gufata urugero ruto cyane tuzi mu mateka: urugero rwa Goliyati. Uwo yari afite metero zisaga 3 z'uburebure, kandi afite ibigango n'imbaraga (wasoma inkuru ye mu 1 Samweli 17).

Uyu muni umuntu muremure cyane ku isi ni Sultan Kösen wo mu gihugu cya Turkiya upima metero 2,51 nk'uko tubitangarizwa na Guinness de Record.

Ibyo bifatwa nk'igitangaza mu isi y'iki gihe, nyamara na we abikomora ku burwayi bw'imisemburo ikora mu buryo budasanzwe, ku buryo byamusabye kwibagisha kugira ngo ahagarike ubwo burwayi; ndetse iyo umubonye, ubona umubyimba udahuye n'uburebure bwe ku buryo byamuteye guhetama.

Icyaha cyaratwangije, kiradupfunyarika cyane ku buryo ubu umuntu mugufi cyane Chandra Bahadur Dangi wo mu gihugu cya Nepal, ku myaka ye 72, afite uburebure bwa cm 54,6 gusa.

UBUSA BUDAKOJEJE ISONI

“Kandi uwo mugabo n’umugore we bombi bari bambaye ubusa, ntibakorwe n’isoni.” Itangiriro 2:25.

Aba bantu ba mbere bari “umubiri umwe.” (Itangiriro 2:24). Adamu na Eva barashyikiranaga, bagashyikirana n’Imana, ndetse n’ibindi biremwa. Ngo bari bambaye ubusa ntibakorwe n’isoni. Bari abaziranenge kandi ntacyo bishisha.

“Abo bombi baziraga icyaha kandi nta myambaro yakozwe n’abantu bari bambaye; bari batwikiriwe n’ubwiza hamwe n’umucyo, nk’ibitwikira abamalayika. Igihe cyose bari bacyubaha Imana, uyu mwambaro w’umucyo wakomeje kubatwikira.” [4]

“Umwambaro w’umweru, w’ubuziranenge wambawe n’ababyeyi bacu ba mbere ubwo Imana yabashyiraga mu murima wa Edeni... Ntacyo umuntu afite yatanga kugira ngo awubone... Umwambaro wonyine Kristo ubwe yatanze ni wo utubashisha guhagarara imbere y’Imana. Uyu mwambaro, ikanzu yo gukiranuka kwa Yesu, Kristo azayambika umuntu wese uzihana kandi akizera. Uyu mwambaro wabohewe mu ruganda rwo mu ijuru, nta rudodo na rumwe rwashyizweho n’intoze z’umuntu. Kristo yabayeho nk’umuntu kandi agaragaza imico izira amakemwa; iyo ni yo mico yifuza kuduha.” [5]



1.2 NYUMA YO GUCUMURA:KWAMBARA UBUSA BUKOJEJE ISONI

Mu rukundo rwinshi, Imana yahaye umuntu umudendeze. Ntabwo Imana yifuje ko abantu bayiyoboka kuko nta yandi mahitamo bafite, ahubwo yabahaye umudendeze wo guhitamo icyiza n'ikibi.

N'ubwo Imana yari ifite ubushobozi bwo kureka umuntu agakora nk'uko mudasobwa zikora, cyangwa ibimashini bikora mu nganda, ariko si ko yabishatse. Ibi nubwo bikora ibintu by'ubwenge, ariko nta bwenge bifite.

Abantu ni abanyabwenge, kuko bafite umudendeze wo guhitamo (udafitwe n’ibi bikoreho). Kugira ngo kandi babashe gukunda, Adamu na Eva bagombaga kuremwa nk’ibiremwa bifite umudendeze mu mikorere yabo.

Igiti kimwe mu biti bigize ingobyi ya Edeni ababyeyi bacu ba mbere babujijwe kukirya (Itangiriro 2:16-17).

Iki cyari urugero rw’ubuyoboke bagombaga kuyoboka Imana. None se ubundi hatariho itegeko, ikosa ryagaragara rite?

“...Icyakora simba naramenye icyaha iyo ntakimenyeshwa n’amategeko, kuko ntaba naramenye kwifuza iyaba amategeko atavuze ngo ntukifuze.” Abaroma 7:7.

Kubw’uyu mumaro w’amategeko wo kutumenyesha icyaha, hahita havuka impande ebyiri: kubaha Imana cyangwa kutayubaha, tubasha guhamanya na Yakobo uvuga ko “amategeko atera umudendeze” (Yakobo 2:12), kuko aduha uburyo bwo kwihitiramo ikitubereye.

Adamu na Eva bakoresheje umudendeze wabo nabi, maze bemerera umushukanyi abinjizamo gushidikanya ku rukundo rw’Imana.

Batsinzwe n’ikigeragezo (kigaraga nk’aho cyari cyoroshye), maze bagerwaho n’ingaruka zishishana:

**“amaso yabo arahweza, bamenya ko bambaye ubusa.”
(Itangiriro 3:7)**

Bamaze gutakaza umwambaro w’ubuziranenge bari bambaye, bakozwe n’isoni bikomeye. Uku guteshuka kwabo no gucumura kwabo byatumye isano bagiranaga n’Imana ndetse n’iyo bari bafitanye ubwabo iyoyoka kubwo kumenya ko bambaye ubusa.

Inyigisho y'ikinyoma yerekeye itunda

Hari inyigisho yigishwa mu madini amwe ivuga ko iri atari itunda risanzwe, ahubwo bati ni uguhuza ibitsina.

Ibi byaba ari ibitekerezo bigufi kandi bidafite ishingiro mu Byanditswe Byera.

Bibiliya itubwira ko Imana ubwayo ari yo yashyingiye Adamu umugore we Eva, kandi bombi ibaha inshingano yo kororoka. Kubw'iri tegeko bahawe, byari ukugomera Imana kuri bo iyo badakora imibonano mpuzabitsina (kuko ari yo nzira tuzi ijyana ku kororoka). Izi nyigisho zirapfobya icyo Imana ubwayo yahaye umuntu nk'impano y'agatangaza.

Yesu yongeye gusubiramo amagambo Adamu yavuze agira ati: "Nicyo gituma umugabo azasiga se na nyina akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe." Itangiriro 2:24; Matayo 19:5.

None se kuba umubiri umwe ni iki? Kuki se mu miremerwe ya muntu harimo gushaka imibonano mpuzabitsina? None se ni kuki abigisha batya barengaho bagakora imibonano mpuzabitsina bahamya ko ari yo yagushije Adamu na Eva?



Imibonano mpuzabitsina ikurikije amabwiriza yatanzwe n'Imana (soma Abalewi 18:6-23), ni isoko y'umunezero ijuru ryageneye umuntu.

Nta gushidikanya, imibonano mpuzabitsina ni kimwe mu byo umuntu yaronse icyaha kitaraza mu isi, kandi ni na yo mpamvu umwanzi w'Imana n'abantu yahindaniye iyi mpano y'agatangaza mu buryo buteye ubwoba.

Uyu muni tubwirwa amakuru y'abaryamana bahuje ibitsina, ubusambanyi mu rubyiruko, gucana inyuma kw'abashakanye, kuryamana n'amatungo, n'andi marorerwa yibasiye iki gikorwa ngo gitakaze ukwera kwacyo.

Ntinze ku mibonano mpuzabitsina, kuko ikibazo cyo guta imicombonera yerekeye iyi ngingo kidatana n'imyambaro. Imyambaro isa n'ishinzwe kuyobora abantu ku kugomera itegeko ry'Imana "Ntugasambane" (Kuva 20:14).

Kwirwanaho kwa Adamu na Eva no gutabara kw’Imana

Mu buziranenge bwabo ntibigeze bamenya ko bambaye ubusa, ariko noneho ntibabimenye gusa, ahubwo ikimwaro kizanywe n’icyaha cyabagumyeho.

Umwanzuro bafashe ni uwo kwihisha Imana, maze bajya mu bihuru, ariko babona ko ibyo bitari bubahire rwose. Bagambiriye kwiremera ibicocero mu bibabi by’imitini. (Itangiriro 3:7).

Mbese ibi bibabi byari kurama mu gihe kingana iki? Nta gushidikanya, aba bakurambere bahuye n’ikizamini gikomeye cyo guhora bahondahonda ibibabi (kuko ibya mbere byamaze kuma) ngo babone icyo bikinga.

Iyi ni imvugo-shusho itugaragariza ko twebwwe abanyabyaha twatakaje ukwera kw’Imana, bitatworohera ndetse bidashoboka ko twabasha kwikirisha imirimo dukora.

Kugerageza gukemura ikibazo cy’icyaha bikomotse ku mirimo yacu n’ibikorwa byacu nta kindi bizatuzanira uretse umuruho no gucika intege vuba.



“Twese twahindutse abanduye, kandi n’ibyo twakiranutse byose bimeze nk’ubushwambagara bufite ibizinga” (Yesaya 64:5).

“Nyamara tumenye ko umuntu adatsindishirizwa n’imirimo itegegetswe n’amategeko, ahubwo atsindishirizwa no kwizera Kristo... Kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimo itegegetswe n’amategeko.” Abagataliya 2:16.

“Nuko namwe nimumara gukora ibyo mwategetswe byose muje muvuga muti: turi abagaragu batagira umumaro, kuko twasohoje gusa ibyo twabwiwe gukora” Luka 17:10.



Bibiliya ivuga yeruye iti:

“Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana. 9Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira uwirarira.” Abefeso 2:8-9.

Ni ubupfu cyane kwibwira yuko umuntu azinjizwa mu ijuru no kumvira amategeko. Uko ni ukwiremera ibicocero rwose, kuko abameze batyo bahora mu gisa n’umukino wo kugwa no kubyuka. Imbaraga zabo ubwabo ntizibasha guhangana n’imbaraga ibakururira gukora ikibi.

Ariko Imana mu rukundo rwayo yaragobotse. Yatabaye Adamu na Eva muri uyu mukino utagira iherezo bari bibereyemo.

Tubwirwa inkuru nziza ngo:

“Uwiteka Imana iremera Adamu n’umugore we imyambaro y’impu, irayibambika.” Itangiriro 3:21

Mbega urukundo rw’Imana yacu! N’ubu Imana iracyashaka gushyikirana n’ibiremwa byayo, kandi irashaka kuronkera agakiza abahisemo umugabane wo kuyigomekaho.

Aha turahabona ubwoko bushya bw’umwambaro; ntabwo ari umwambaro ukoze mu budodo bukomeye (nk’ubwo dusanzwe tuzi) ahubwo ni umwambaro w’uruhu. Imana ironkeye ubuhungiro ababuze aho bikinga bagerageje bikabangira.

Bwa mbere, ibicocero bikoze mu bibabi by’umutini Adamu na Eva bakoresheje ntabwo byageze ku nsinzi.

Iyo biza kuba bihagije, ntibyari kuba ngombwa kwica inyamaswa zitariho urubanza kugira ngo Adamu na Eva babone icyo bambara.

Mu buryo bumwe n’ubwo, imihati yacu yose yo gukomeza amategeko ngo tubone agakiza ntabwo ihagije. Iyo gukorera agakiza kwacu biza kuba bihagije, Kristo ntiyari kwirirwa aza kudupfira.

Nk'uko ibibabi by'imitini byari kuba bihendutse kandi bidateye ubwoba nko kwica inyamaswa zitariho urubanza, niko n'imirimo yacu yari kuba ihendutse kuruta urupfu rwa Yesu.

Irindi hame twigira kuri uyu mwenda mushya, ni itandukaniro riri hagati y'ibibabi n'impu z'inyamaswa.

Hari ikiboneka mu mpu z'inyamaswa kitaboneka mu bibabi by'umutini: icyo ni amaraso.

Iyi ni inkuru nziza dusoma mu gitabo cy'Itangiriro, nk'uko "muzi ko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi nk'ayo umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara ari yo ya Kristo."

Erega ni ukuri kwa Bibiliya ko "amaraso atavuye hatabaho kubabarirwa ibyaha!" (1 Petero 1:18-19; Abaheburayo 9:22.

Isomo rindi dukuramo, ni igice cy'iri somo kitubwira ngo:

"...irayibambika." Itangiriro 3:21

Imana ubwayo ni yo yafashe uyu mwenda mushya iwambika Adamu na Eva. Icyo Imana yakozе ubwayo ni cyo cyabashije gutwikira ubwambure bwabo.

Kuva mbere hose, Imana yagaragaje umugambi wayo w'agakiza. Nubwo icyaha cya Adamu na Eva cyari kibi bikabije, ntabwo cyasumbaga ubuntu bw'Imana bwo kubakiza icyo cyaha.

Uko ni ko "yaje ngo tubone ubugingo, kandi ubugingo busendereye" (Yohana 10:10). Ni ihame tudakwiriye kwibagirwa.

“Ku muni w’urubanza ruheruka, buri wese uzarimbuka azasobanukirwa n’icyamuteye kwanga ukuri. Umusaraba uzerekanwa, kandi akamaro kawo kazasobanukira buri ntekerezo yari yarahumishijwe n’icyaha.

Mu kwerekwa iby’i Kaluvari n’uwahapfiriye urupfu rutangaje, abanyabyaha bazahagarara batsinzwe n’urubanza. Impamvu yose y’ibinyoma izaba ikuweho.

Uburakari bw’abantu buzagaragaza inkomoko yabwo y’icyaha bidasubirwaho. Abantu bazabona icyo bahisemo icyo ari cyo. Ikibazo cyose cyerekeye ukuri n’ikinyoma muri iyi ntambara kizaba kimaze gusobanuka.

Mu gucira iyi si urubanza, Imana izahagarara itakibarwaho urubanza rw’uko ari yo yemereye icyaha gukomeza gusagamba. Bizerekanwa ko amategako mvajuru adafasha gukora icyaha. Ubuyobozi bw’Imana buzagaragara ko nta nenge bufite, kandi nta n’impamvu yo kwitandukanya na bwo.” [6]



1.3 IKANZU Y'IGICIRO CYINSHI YA YOZEFU

“Isirayeli atonesha Yosefu, amukunda biruse iby’abana be bose kuko ari we yabyaye ashaje, amudodeshereza ikanzu y’amabara.” (Itangiriro 37:3).

Nubwo iyi kanzu ivugwaho muri iki gice gusa (Itangiriro 37), nta wakwirengagiza ingaruka ikomeye yagize ku mateka ya Isirayeli.

Iyi kanzu yabaye inkuruzi y’ukwigaragaza kw’ishyari Yosefu yagiriwe n’abavandimwe be, byatumye bamugurisha n’abanyegiputa kandi mu mugambi w’imana umuryango wa Isirayeli wose waje gusanga uyu Yosefu mu Egiputa.

Nta wakwirengagiza kandi ubucakara aba Bisirayeli bagiriwe iyo mu Misiri bwamaze imyaka Magana ane.

Kugira ngo tumenye intandaro y'ingorane uyu muyango wagize w'ishyari mu bavandimwe, turareba ishingwa ry'uyu muyango.

Amateka atubwira ko Yakobo (ari we waje kwitwa Isirayeli) yabengutse umukobwa wa Labani witwa Rasheli maze Labani akamuca inkwano yo kumuragirira amatungo imyaka irindwi kuko nta kindi yari afite atanga keretse amaboko ye.

Imyaka irindwi ishize, Labani ntabwo yahaye Yakobo Rasheli nk'uko yari yujuje ibisabwa, ahubwo yamushyingingiye mukuru we Leya kugira ngo umuto adatanga umukuru gushaka nk'uko umugenzo wabo wari uri.

Maze kuko Yakobo yakundaga Rasheli cyane, arongera akorera Labani indi myaka irindwi kugira ngo amuhabwe, icyakora yemererwa kuba bamumuhaye, akayikora bari kumwe.

Uko aba bagore yabahabwaga, ni na ko Labani yabamuhanaga n'abaja, baje kubyarana na we kubw'ibisa n'amarushanywa yo kubyara aba bagore b'abavandimwe bari bafite (soma Itangiriro 29:1-ss).

Ishyari ry'aba bagore barihererekanye no ku bana babyeye, maze ishyari ry'abana riba ribi bikabije, ariko byahuhuwe kurutaho no kudahuza ababyeyi kuko byabyukije gutonesha maze bibyara akaga gakomeye.

Ni umuburo ku bakiri bato batarubaka ingo ndetse n'abamaze kubaka, kwirinda gushaka abagore benshi (guharika) kuko bitagira ingaruka ku mibanire y'abo bagore n'iteshamutwe bikuzanira wowe ubwawe gusa, ahubwo bigera no ku bana muzabyara, bityo igihugu kikagwiza umwiryane w'akarande.

Imico ya Yosefu yari itandukanye n'iy'abavandimwe be cyane:

“Hariho umwe wari ufite imico itandukanye n’iy’abandi cyane. Yosefu, imfura ya Rasheli, yari afite uburanga bwiza kwasaga nk’aho bugaragaza ubwiza bw’imbere mu mutima.

Uwo musore wakiranukaga, wakundaga gukora, kandi agahora anezerewe, yerekanaga umurava no gushikama, yumviraga amategeko ya se kandi agakunda kumvira Imana.

Imico yaje kumutandukanya n’abandi muri Egiputa, yo kwitonda no kuba umunyakuri yari ayifite icyo gihe. Kuko nyina yari yarapfuye, arushaho gukunda se.

Umutima wa Yakobo warundukiye muri uwo mwana we yabonye mu za bukuru.” [4, p. 98]

Iyi kanzu yahawe na se yari ikanzu y’igicro cyinshi, idozwe mu ndodo z’amabara menshi. Bishoboka ko bene se babonaga uko se amuguriye iyo kanzu y’igicro, byaraboroheye no gutekereza ko Yosefu yari kuzahabwa n’umunani uruta uwabo.

Umutima Yakobo yaba yaramuhereye iyo kanzu wose, ahari ari ukumukunda gusa, yari amakosa akomeye, kuko yenyeyegeje ikibatsi cy’urwango rwari mu mitima ya bene se wa Yosefu.

Iyi kanzu y’igicro cyinshi, tubasha kuyibona nk’ibyubahiro byo mu isi, gukomera kw’abatuye isi, iby’isi, kandi iby’isi by’akanya gato, amaherezo bizaba ibitazaramba.

Ntabwo iyi kanzu Yosefu yayirambanye, kuko bene se bamugurishije bamaze kuyimuvanamo; icyo yamukoreye ni ukwangwa no kugirirwa ishyari n’abavandimwe be gusa.

“Nta gatekerezo na mba Yosefu yari afite ku bigiye kumubaho. Ubwo yasangaga bene se abaramutsanya urugwiro rwinshi, nyuma y’urugendo rurerure yari yakoze ayobagurika abashaka, ariko ntibamureba n’irihumye.

Yosefu abibonye uko bamwitegereza, akeka ko bamurakariye... bamuregaga ko ari indyarya. Uko barushagaho guha urwaho ishyari mu mitima yabo, niko Satani yarushagaho kwigarurira intekerezo zabo, nuko ntibagira impuhwe ukundi, ntibagira n’umutima ukunda murumuna wabo.

... Bamwambura ikanzu ye y'amabara menshi yari yambaye, se yari yaramuhaye nk'ikimenyetso cy'urukundo amukunda, ari na yo yasembuye ishyari ryabo.” [7]

Ikintu kibi kimunga intekerezo z'abantu ni ishyari. Ni cyo cyaha cyabayeho mbere y'ibindi (Yesaya 14:14), kandi ishyari rishobora gutuma imibanire y'abantu n'abandi ihinduka umwaku (2 Abakorinto 12:29; Abagalatiya 5:19-21).

Ntabwo ari ku mibanire n'abandi gusa, ahubwo ishyari rigira ingaruka ikomeye ku buzima bwite bw'urifite. Umunyabwenge Salomo atanga uyu muburo muri aya magambo:

“Umutima utuje ni wo bugingo bw'umubiri, ariko ishyari ni nk'ikimungu (kanseri) kiri mu magufwa (Imigani 14:30).

Igitekerezo kitubwira ko aba basore babaze ihene, maze bafata ya kanzu bayiziringa mu maraso yayo, barangije bayishyira Yakobo, nk'ikimenyetso cy'uko umwana we yakundaga yariwe n'inyamaswa.

Aba bavandimwe bageze imbere ya se, baravuze bati “reba niba iyi kanzu atari iy'umuhungu wawe” (Itangiriro 37:32). Ntibavuze bati twabonye ikanzu ya murumuna wacu, ahubwo bati “ikanzu y'umuhungu wawe”, nk'uburyo bwo gukomereza ikibi bakoze mu mitima yabo.

Iyi kanzu ifite umwanya mu ntangiriro no mu isoza. Cya kimenyetso cy'imibanire ya Yakobo na Yosefu, ubu noneho cyahindutse amaraso gusa: ikimenyetso cy'urupfu rwa Yosefu.

Kamere yacu iteye mu buryo icyaha cya mbere ukoze gituma igukurikiyeho kikorohera kugikora. Igihe inzira mbi uyitangije ishyari, ntihabura amakimbirane no gukora ibibi byose (Yakobo 3:16).


Niba uhayeho ishyari umwanya mu mutima wawe, menya ko mu gihe kiri imbere uzaba uri umwicanyi uteye ubwoba.

Imibereho ya Yosefu yagereranjwe n'imibereho ya Yesu Kristo. Ishyari ryatumye bene se bamugurisha; ni ko bamwe mu batambyi bakuru n'abayobozi b'idini bagiriye Yesu ishyari, maze ishyari rituma bamugirira nabi. Yosefu bamwambuye ikanzu ye mbere yo kumugurisha; Yesu na we bamwambuye ikanzu ye bamwambika urubindo (Yohana 19:23-24).

Yosefu yagurishijwe abapagani, na Yesu yagurishijwe abanzi be (Luka 22:3-5). Yosefu yashinjwe ibinyoma ashirwa muri gereza kubera ubunyangamugayo; Yesu yashinzwe ibinyoma, anenwa azira ubutungane bwe (Matayo 26:60-61).

Yosefu yagaragarije ubupfura abavandimwe; na Yesu yababariye abanzi be (Luka 23:34). Ibibi byakorewe Yosefu byamugejeje ku byiza; ni kimwe n'ibyabaye kuri Yesu, na we ibibi byavuyemo ibyiza (Matayo 28:18).

“Twebwe abantu ntidukwiriye kuba abapfayongo ngo dufate icyaha tujenjetse. Ingando ikeneye gusukurwa. Abitwa izina rya Kristo bakwiriye kuba maso bagasenga bakarinda ibishura byabo; kuko Satani ahora ari maso ashaka uburyo yabayobya cyangwa yabarimbura, mu gihe cyose bamuhaye icyanzu cyo kunyuramo.” [8]





1.4 IMYAMBARO Y'UBUTAMBYI

Ubutambyi bw'Abalewi bwashyizweho igihe abana b'Isirayeli bazereraga mu butayu kandi ubwo butambyi bwagombaga kumara imyaka myinshi.

Abatambyi bagombaga kuba bafitanye isano ya bugufi n'ubwoko bari bahagarariye imbere y'Imana. Bari intumwa n'abahuza hagati y'ubwoko bwacumuye n'Imana izira inenge.

Uyu murimo kandi wari umurimo w'icyubahiro. Abatambyi bari abantu bagaragaza ukwera no gukiranuka. Ibirenze ibyo, bahagarariraga ubwoko bwabo imbere y'Imana.

Bagombaga kugaragaza itandukaniro ritari itandukaniro ribonetse ryose, ahubwo itandukaniro rigaragaza ugutungana kwabo kubatandukanya n’abandi bari bashinzwe guhagararira. Ubutambyi bwari ikintu cyihariye kandi kiziranenge ndetse kidasanzwe.

Abatambyi bashushanyaga Yesu, naho umurimo wabo ukaba igishushanyo cy’icyo Yesu yari yiteguye gukora mu cyimbo cyacu.

Ibi bisobanuka neza twitaye ku myambaro yari yarerejwe gukora uyu murimo.

“Imiterere y’amakanzu y’ubutambyi yabwiwe Mose ubwo yari ari kuri Sinayi. Ikintu umutambyi mukuru yagombaga kwambara n’ibikigize byari bizwi.

Iyi myambaro yari yareguriwe intego ikomeye. Yashushanyaga Yesu Kristo. Iyo umutambyi yabaga ayambaye, yabaga atwikiriwe n’ikuzo n’ubwiza, bikagaragaza icyubahiro cy’umurimo we.

Igihe yabaga ayambaye, yabaga ahagarariye ubwoko bwa Isirayeli, bwagombaga kwerekana ikuzo ry’uko ari ubwoko bwatoranijwe mu yandi mahanga.” [9]

Hari ibintu byinshi byakwandikwa ku busobanuro bwa buri bara, ku budodo budoze iyi myenda n’imikandara y’abatambyi; nyamara icyo byose byerekezaho ni kimwe: ni ikuzo, ni ubwiza, ni ukwera, kandi ni icyubahiro by’uwo byashushanyaga ari we “Yesu Kristo, umutambyi mukuru mu buturo bwo mu ijuru.” (Abaheburayo 8:1-2).

Nubwo tutarondora buri mugabane w’ibigize imyambaro y’abatambyi, ntabwo twakwibuka kuvuga kuri Efodi, umwambaro wo mu gituzo cy’umutambyi (Kuva 28:15).

Uyu mwambaro wari ingenzi cyane, ugomba kwitonderwa, kuko ari wo umutambyi yakoresheje akemura imanza za Isirayeli.

Bisa n’aho indi myambaro yose yazaga iherekeje Efodi, kuko ari yo yerekana umumaro wihariye umutambyi akorera mu buturo Bwera, aho yatwaraga amazina y’Abisirayeli bose muri Efodi, abajyanye imbere y’Imana mu Buturo bwayo. Efodi yambarwaga ku mutima w’umutambyi, nk’ikimenyetso cy’urukundo no kutwitaho Imana ifitiye abantu bayo.

Gusohozu ubuhanuzi kwa Kayafa

Rimwe mu mategeko yagenganga iyi myambaro y'umutambyi ni iri ngo: "Umutambyi mukuru muri bagenzi be wasutswe ku mutwe amavuta ya elayo yo gusiiga, akerezwa kwambara ya myambaro... ntagashishimure imyenda ye" (Abalewi 21:10).

Nyamara, umunsi umwe tubona uwarenze kuri iri tegeko. Igihe Yesu yari ari guteraganywa mu nkiko, yireguye imbere y'urukiko rw'abakuru b'Abayuda, maze amaze kwiregura, Kayafa wari umutambyi mukuru "ashishimura imyenda ye ati 'arigereraniye.'" (Matayo 26:65).

Hakurikijwe amategeko (soma na Abalewi 10:6), gushishimura imyambaro ye byari ugutesha agaciro imico y'Imana no kwanduzza ubutungane bwayo; muri uwo mwanya, igihano cyo gushishimura imyambaro ye byari urupfu.

Ariko Yesu utariho urubanza, yagombaga kwicwa, agacibwa urubanza na wa mutambyi wagombaga gupfa kubera igikorwa cye kinyuraniye n'amategeko.

Gushishimura umwenda kwa Kayafa byashushanyaga ikintu cyimbitse cyane, nubwo we yabikoze atazi icyo akora.

Iri ryari iherezo ry'ubutambyi bwo ku isi ryari rigeze kandi ubundi butambyi bushya bwari bugiye gutangira, ubutambyi bwa Kristo mu Buturo bwo mu ijuru.

Uyu munsi "dufite Umutambyi mukuru wicaye iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana." Abaheburayo 8:1-2.

Kubera ko Yesu ari Umutambyi wacu mu Buturo bwo mu ijuru, nawe yambaye Efodi ku mutima we, kuko "ahora adusabira" (Abaheburayo 7:25).


Ni ingenzi cyane kumenya ko Umutambyi wacu mukuru yifatanya natwe mu bibazo byacu, mu mibabaro yacu, no mu bitugerageza byose.

Nka Aroni, Yesu wigize umuntu azi ibigeragezo, amakuba, n'ingorane mwene muntu ahanganye na byo. Ariko aho atandukaniye na Aroni, Yesu "nta cyaha yigeze akora" (Abaheburayo 4:15).

Ku bw'ibyo, ikanzu yo gukiranuka kwe ishobora kuba iyacu binyuze gusa mu kumwizera, tukamenya ko duhagarara imbere y'Imana turi abaziranenge. Tubasha kandi guhabwa imbaraga zo kunesha ibigeragezo nk'uko Yesu yanesheje (Abaheburayo 4:14-15).

"Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera n'abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'lyabahamagaye, ikabakura mu mwijima, ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza." 1 Petero 2:9.

"Dukwiriye kwimenyereza kwizera buri muni kandi uko turushaho kwimenyereza ni ko kwizera kwacu kugenda gukura buri muni; ni bwo tuzamenya ko ataducunguye gusa, ahubwo yanadukunze, akatwezaho ibyaha byacu akoresheje amaraso ye, akatugira abami n'abatambyi b'Imana Data n'Umwana." [10]



1.5 UMWAMBARO W'IBIGUNIRA

Undi mwambaro tubwirwa na Bibiliya, ni umwambaro w'ibigunira. Uyu tuwubona nk'ikimenyetso cyihariye cyo kwicisha bugufi mu isezerano rya kera.

Ahabu ubwo yari amaze kwica Naboti amuziza gakondo ye (1 Abami 21:1-16), yahanuriwe amagambo azagera ku nzu ye (1 Abami 21:21-24) maze amaze kuyumva atanyaguza imyambaro ya cyami yambara ibigunira, yiyiriza ubusa, yirirwa aryamye ku bigunira. Uwiteka yarigaruye maze asezerana kutazamuteza ibyo byago ku ngoma ye (1 Abami 21:27-29).

Ikindi gihe, ubwo Yona yagezaga ubutumwa ku muji wa Niniwe ko hagomba kurimbuka mu minsi mirongwine (40), umwami w'icyo gihugu yategetse abantu bose ati:

“Umuntu wese ye kugira icyo asogongeraho, kandi amatungo y’amashyo n’imikumbi bye kurisha kandi bye kunywa amazi, ahubwo abantu n’amatungo byose byambare ibigunira, abantu batakambire Imana bakomeje...” (Yona 3:7-9); icyo gihe na bwo Imana “yarigaruye, ireka ibyago yari yabageneye ntiyabibateza”(Yona 3:10).

Gushishimura imyambaro no kwambara ibigunira byari igikorwa cya rusange muri icyo gihe cyagaragaza ubwoba, kwicisha bugufi no kwihana (soma na Esiteri 4:1,16; Yobu 1:20; 42:6).

Nyamara, uyu muhango hari ubwo wahindutse uw’inyuma gusa nta gikorwa cyakorewe mu mutima, maze Uwiteka aravuga ati:

“Ariko n’ubu nimungarukire n’imitima yanyu yose mwiirize ubusa, murire muboroge. Imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureke imyenda yanyu, muhindukirire Uwiteka Imana yanyu kuko igira impuhwe.” (Yoweli 2:12-13).

Yesu yasubiye muri aya magambo ati:

“Nimusenga ntimukamere nk’indyarya... Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye” (Matayo 6:7).

Iyi shushongero y’umwambaro w’ibigunira ni isomo ritureba twe abashaka kugera ku butungane nyakuri. Kwicisha bugufi ni ihame rireba buri muhungu n’umukobwa wese w’Imana.



1.6 IMYAMBARO Y'UMUTAMBYI YOSUWA

Igitekerezo cy'umutambyi Yosua (gisome muri Zekariya 3) ni inkuru nziza kuri twe, ko nubwo intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi itoroshye, ku musozo icyiza kizatsinda ikibi, ukuri kuzatsinda ikinyoma, umucyo uzatsinda umwijima, umunezero uzatsinda umubabaro, ikuzo rizatsinda ipfunwe no gukozwa isoni, kandi ubugingo buzanesha urupfu.

Turabona urubanza rutoroshye na hato, Satani ari umushinja ushinja abitirirwa izina ry'Imana ko batihannye by'ukuri kandi ko badakwiye imbabazi n'ubuntu bw'Imana.

Satani ni umurezi w’abantu b’Imana (Ibyahishuwe 12:10) uhereye kera kose. Mbese kuki dukomezwa kumukorera, we utwoshya yarangiza agaca ku ruhande akatujyanira raporo yo kutwicisha?

Nyamara hari inkuru nziza! Yesu aba ahari (ugereranywa na Malayika muri iki gice) ashaka kudukiza no kuducungura.

Mu rukiko Yosuwa nta kwiregura yari afite kuko yari “yambaye imyenda y’ibizinga”; ariko Malayika yamwambuye imyenda ye ishaje ari yo gukiranirwa kwe (umurongo wa 4), maze yambikwa umwambaro mushya.

“Ubutungane bwa Kristo bwaramwitiriwe. Igitambaro cyambitswe Yosuwa ku mutwe ni icyambikwaga abatambyi kandi cyabagaho iyi nyandiko ngo: Ubuziranenge bw’Imana, bisobanura ko atagifite bya bicumuro bya kera, ahubwo noneho amaze kwemererwa gukora umurimo w’ubutambyi imbere y’Imana” [11]

“Igihe abantu b’Imana baje imbere yayo bafite imitima imenetse, basaba ubutungane bw’umutima, itegeko riratangwa ngo: ‘mumwambure imyambaro y’ibizinga,’ maze hakavugwa aya magambo ngo: ‘ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro y’agaciro.’ (Zekariya 3:4). Ikanzu itagira ikizinga y’ubutungane bwa Kristo yambikwa abana b’Imana bahura n’ibishuko by’umubi, bakabera Imana indahemuka. Ubwoko bwasisigaye, bukerenswa, bwambikwa imyambaro y’ikuzo, kandi ntibuzongera kwanduzwa n’ibishuko by’isi.” [12]



1.7 UMWANA W'IKIRARA (LUKA 15:11-32)

Umugani w'umwana w'ikirara ni indi shusho itaziguye y'ubuntu n'imbabazi bya Data wo mu ijuru udukunda. Mbega urukundo ruhebuje yadukunze! (1 Yohana 3:1), uwo ntiyadukunze kuko twari abo gukundwa, ahubwo "Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, igihe Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha." (Abaroma 5:8)

Ntabwo byoroshye kwiyumvisha ingorane uyu mubyeyi yagize, ubwo yitegerezaga umuhungu we wanangiye umutima ari gupanga ibintu bye ngo afate urugendo, no kubona afashe umuhanda agiye; yari akiri muto (umuherezzi), icyo yari ashoboye gusa byari ugupfusha ubusa amafaranga yari akuye mu munani yahawe. Nyamara ingaruka ntizatinze kumugeraho, amafaranga yarashize, imyenda imucikiraho, abura ibyo kurya, bigeza ubwo icyifuzo cye cyari ugusigarizwa n'ingurube.



Amaze kuzahazwa n'ingaruka z'icyaha cye, yatangiye gutekereza ku kwihenda yagize, maze yiyemeza gusanga se; nubwo nta mbabazi yari yiteze, yabonye ko kuguma aho biteje urupfu, maze yiyemeza kuba yapfira mu biganza by'umubyeyi we. Ariko se byagenze bite, akigera ku mudugudu w'iwabo? Papa we akimubonera kure, yarirukanse, n'impuhwe nyinshi ahobera wa wundi unuka kubera kubana n'ingurube, asoma uw'amenyo ye yabaye umukara kandi unuka bitangaje mu kanwa, kandi yambikwa umwenda uruta iyindi n'impeta y'izahabu ku rutoki, n'inkweto mu birenge, ndetse akoresherezwa ibirori by'akataraboneka.

Nta gushidikanya, uyu muhungu ni we wagombaga gufata icyemezo cyo kugaruka imuhira. Uko ni ko nta gahato na mba Imana ishyira ku bantu ngo bayumvire. Iyi kanzu nubundi iratugereraniriza gukiranuka nyako turonka kuri Kristo.

“Se ntiyatumye hari abashinyaguzi babona uko umwana we asigaye asa, n’ubushwambagara yari yambaye. Yiyambuye igishura cyiza yari yambaye maze agifubika uwo mwana we wari unanutse cyane; uwo musore yatangiye kudondobekanya amagambo yo kwicuza ati ‘Data, nacumuye ku Mana nawe ngucumuraho, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe.’ Se aramuhobera, amujyana imuhira. Ntiyatumye asaba umwanya wo kwibera umugaragu. Ni umuhungu we, wagombaga guhabwa icyubahiro cyose cyo mu rugo, kandi uwo abaja n’abagaragu bagombye kubaha kandi bakamukorera.” COL, 203,204

“Imbaraga n’ubuntu byatangiye muri Kristo kandi bigezwa kuri buri wese wizera kubw’umurimo w’abamalayika. Nta banyabyaha babaho badashobora kubonera imbaraga n’ubutungane muri Kristo wabapfiriye. Ategereje kubambura imyambaro yabo yahindaniye n’icyaha, maze akabambika amakanzu y’umweru y’ubutungane, abingingira kubaho aho gupfa.” SC, 55,56.

None se twatinzwa n’iki kandi adutegereje ngo aturokore iteka ryo gupfa?




1.8 UMWAMBARO W'UBUKWE

Uyu mwambaro turawubona mu mugani w'ubukwe bw'igikomangoma, nk'uko twusanga muri Matayo 22:1-14. Ni umugani utanga imigabane ibiri mu bavuga ko ari abayoboke ba Yehova. Uyu mwambaro w'ubukwe (uvugwa ku murongo wa 11) ni wo murongo utandukanya abakorera Imana by'ukuri n'abishushanya.

Kugira ngo ibirori bizagende neza, umwami yatumiye abanyacyubahiro ngo baze mu birori byiteguwe, ariko habayeho gutungurwa kuko ntabwo baje. Nta kaga kabaho gateje agahinda nko gutegura ibyo kurya, maze ababiteguriwe bakanga kubirya; ubanza wakwibaza byinshi.

Maze bimaze kugaragara ko abatumiye ibirori batari babikwiriye, itegeko ryaratanze, ngo amatangazo atangwe hose maze ababi n'abeza bose batahe ubukwe bw'i bwami. Birumvikana ko rero aba bantu batoraguwe mu muhanda hari ikindi kintu bari bakeneye, ngo babashe kwinjira mu ngo ya cyami badafite ipfunwe. Umwami yateguye umwambaro wa bose, umwambaro wahariwe ibyo birori ngo buri wese watashye ubukwe yinjire awambaye. Nubundi ihame ni rya rindi; ntabwo imirimo yacu ubwacu ariyo izatwinjiza mu ijuru, ahubwo icyo Kristo yakoreye inyokomuntu ni cyo cyonyine gifite agaciro mu maso y'Imana.



Abakwe bamaze kwinjira, umwami yakurikijeho igenzura, maze biza kugaragara ko hari uwinjiye atambaye umwenda w'ubukwe. Ahari natekereza ko uyu muntu yari yaje yambaye imyenda ye y'igiciro cyinshi abantu babasha gushima maze akibwira ko umwenda w'ubukwe ugenewe ba bandi b'impeyamajyo; byashoboka ko yaje yataye ipasi, maze akabona kurenzaho uwo mwenda biri bwise umukunjo w'imyenda ye. Nyamara itegeko ry'umwami ryari ryatanze, ni cyo cyatumye agibwaho n'ibihano bikakaye, kuko yakerensheje amabwiriza yari yoroshye cyane kuyumvira.

Mu buryo nk'ubwo, Imana iri gukora igenzura, ngo harebwe abambaye umwambaro Kristo yabadodeye n'abawukerensheje. Abambaye uwo mwambaro bazinjira mu munezero wa Shebujja, ariko abanze kwambara uko gukiranuka kwa Kristo "bazajugunywa hanze, aho bazaririra bakahahekenyera amenyo." (Umurongo wa 13).

"Muri uyu mugani iyi shusho y'ubukwe yakoreshejwe igaragaza urubanza rw'igenzura kandi rugaragazwa neza ko rubaho mbere y'ubukwe. Mbere y'uko ubukwe butangira, umwami yinjiye kureba abatumurwa kugira ngo arebe ko bose bambaye umwambaro w'ubukwe, umwambaro uranga imico idafite ikizinga, 'yameshwe kandi yejeshejwe amaraso y'Umwana w'intama (Ibyahishuwe7:14).'

Uwasanzwe atambaye umwambaro w'ubukwe, yajugunywe hanze; ariko abantu bose basanzwe bambaye umwambaro w'ubukwe, bemewe n'Imana baboneka ko bakwiriye kugira umugabane mu bwami bwayo no kwicarana na yo ku ntebe yayo y'ubwami.

Uwo murimo wo kugenzura imico, wo kwemeza abiteguye ubwami bw'Imana, ni umurimo w'urubanza rw'igenzura, ari wo murimo uheruka mu Buturo Bwera bwo mu ijuru. Igihe uyu murimo w'igenzura uzaba urangiye, ubwo imanza z'abantu bo mu bihe byose bavuze ko ari abayoboke ba Kristo zizaba zimaze gusuzumwa no gufatirwa umwanzuro, icyo gihe ni bwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye, kandi urugi rw'imbabazi ruzakingwa. Bityo iyi mvugo ngo 'abari biteguye binjirana na we mu bukwe, maze urugi rurakingwa' (Matayo 25:10), itwerekeza ku murimo uheruka w'Umukiza, ku gihe umurimo ukomeye ugendereye agakiza k'umuntu uzaba urangiye." [1, p. 308]

“Igihe umurimo w’urubanza rw’igenzura uzaba urangiye, iherezo ry’abantu bose rizaba ryarafashweho umwanzuro... Intungane n’abanyabyaha bazaba bakiri ku isi bagifite imibereho yabo ipfa. Abantu bazaba bahinga, bubaka, barya kandi banywa, bose batazi ko umwanzuro uheruka kandi utavuguruzwa wamaze gufatirwa mu buturo bwera bwo mu ijuru.

Mbere y’uko umwuzure uza, Nowa amaze kwinjira mu nkuge, Imana yamukingiraniye mu nkuge kandi abatubahaga Imana na bo bakingiranirwa hanze. Ariko mu gihe cy’iminsi irindwi abantu batari bazi ko iherezo ryabo ryamaze gushyirwaho bakomeje imibereho yabo yo kutagira icyo bitaho, gukunda ibinezeza, no guhindura urw’amenyo imiburo yavugaga akaga kari kagiye kubageraho. Umukiza aravuga ati: ‘Ni ko no kuza k’Umwana w’umuntu kuzaba.’ (Matayo 24:39).

Nk’uko umujura wa nijoro aza bucece, nta wumubona, ni ko bizaba no ku isaha iheruka izaranga iherezo rya buri wese ndetse no gukurwaho guheruka kw’itangwa ry’imbabazi ku banyabya.” [1, p. 351]

“Uyu munsu niwumva ijwi ryayo ntiwinangire umutima.” (Abaheburayo 3:7).



1.9

UMWAMBARO UFITE IMBARAGA IKIZA

Uyu ni umwambaro wari warahanuwe mu myaka ikabakaba 1000 (Zaburi 22:19) mbere y'uko tubona ibyawo. Ni umwambaro wa Yesu Kristo yambaye ari hano ku isi.

Muri Mariko 5:24-34 na Luka 8:43-48 havuga igitekerezo cy'umugore wari urwaye indwara yo mu mugongo (imihango y'abakobwa idakama) yari amaranye imyaka cumi n'ibiri. Usibye kuba ino ndwara yarazahaje ubuzima bwe, yari yaramumazeho n'utwe twose kubera kwivuzza ku baganga batandukanye, kandi yamuteraga kunenwa ukurikije umuco w'abayuda. Ariko yumvise inkuru y'umugabo witwa Yesu, wa wundi ukora ibitangaza, agahangamura ibyananiranye; maze mu kwizera gukomeye umugore afata icyemezo cyo gusanga Yesu kandi ati: "Ninkora imyenda ye gusa ndakira" (Mariko 5:28) Uyu mugore yakoze ku myambaro ya Yesu, maze arakira!

"Ntabwo yakize binyuze mu kumukoraho inyuma, ahubwo yakize binyuze mu kwizera kwagundiye amasezerano Ye y'ubumana... Kwizera kuzagira icyo kutumarira, ni ugutuma tumwakira nk'Umukiza wacu bwite, kandi kugatuma ubutungane bwe buba ubwacu... Umukiza afite ubushobozi bwo gutandukanya umukozeho afite kwizera no gupfa gukoraho by'ikivunge gusa." [6, pp. 231,233]

Ku bamukurikira, abasezeranira ko "ibimenyetso yakoraga bizagumana n'abizeye." Muri ubwo buryo tubona mu mibereho y'itorero rya mbere iki gitangaza cyongeraga kuba. "Kandi Imana yakoresheje amaboko ya Pawulo ibitangaza bikomeye. Ndetse bashyiraga abarwayi ibitambaro n'imyenda bivuye ku mubiri we bagakira indwara zabo, abadayimoni bakabavamo." (Ibyakozwe 19:11-12).



1.10 UMWAMBARO W'AGASHINYAGURO

"Maze abasirikare bamujyana imbere mu rugo rw'urukiko, bahamagara ingabo zose ziraterana. Bamwambika umwenda w'umuhengeri, baboha ikamba ry'amahwa bararimwambika, baherako batangira kumuramutsa bati "Ni amahoro, mwami w'Abayuda!" Bamukubita urubingo mu mutwe, bamucira amacandwe, barapfukama baramuramya." Mariko 15:16-19

Ubwo igihe cyari kigeze ngo asohoze umurimo we wamuzanye wo gucungura inyokomuntu, Kristo yakorewe ubushinyaguzi bukabije. Mu bibi yakorewe, harimo no kwamburwa imyambaro ye, maze yambikwa urubindo. Uru rubindo rwari igitambaro cyo mu ibara ry'umuhemba, ibara ryarangaga imyambaro ya cyami, maze hamwe no kumwambika ikamba ry'amahwa no kumuha inkoni y'urubingo, bamushinyaguriye bamukwena ko yiyise Umwami w'Abayuda. Mu gihe abatambyi bamukwenaga bakerensa ububasha mvajuru bwe, abasirikare b'abaroma bo bakerensaga ububasha bwe mu bya politike.

Muri ubu buryo, Umukiza wacu yemeye kwiambura ubumana bwe, maze ahinduka icyaha ku bwacu, abaranywa n'abagome, kandi "igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we." (Yesaya 53:5). Yari afite uburibwe bwinshi, yikoreye ibyaha byose by'iyi si. Uwitanze kugira ngo aronkere abari mu isi umwambaro wo gukiranuka, yihanganiye kwambikwa umwambaro w'agashinyaguro.

Izi ni ingero cumi dukuye muri Bibiliya ziduhishurira ubwiru bw’Imana binyuze mu myambaro.



Twavuga byinshi byerekeye umwitero wa Eliya (2 Abami 2:12-14), kwambara Kristo (Abaroma 13:14), kwambaro intwaro zose z’Imana (Abefeso 6:11), n’ibindi.

Biragaragara ko Bibiliya iha agaciro imyambaro uhereye mu Itangiro.




Biratangaje ko igitabo cy’Ibyahishuwe hafi ya cyose kivuga ibyerekeye kwambaro (Ibyahishuwe 1:13; 3:4,5,17,18; 4:4; 6:11; 7:9,13,14; 9:17; 10:1; 11:3; 12:1; 14:14; 15:6; 16:15; 17:4; 18:16; 19:8,13,14; 22:14).

Biragaragara neza yuko imyambaro ari umugabane udakwiriye kwirengagizwa mu mibereho y’ibya mwuka.

2

IMYAMBARO MU MIBEREHO



A woman with blonde hair, wearing a grey blazer over a light-colored shirt, stands in a dimly lit room that appears to be a library or study. Bookshelves filled with books are visible in the background. The text is overlaid on the image in a white serif font.

"Icyo wambaye ni
cyo kikugaragaza
mu
bakuzengurutse,
cyane cyane muri
iki gihe, aho guhura
kw'abantu koroshye
cyane. Kwambara
ibigezweho
birivugira ako
kanya"

MIUCCIA PRADA



2.1 IMYAMBARO N'UMUCO

Imyambaro irenga kure kuba amafurebo yo kutumara imbeho no gutwikira ubwambure bwacu. Ni n'igisobanuro cyihariye cy'icyo turi cyo_ idantite yacu ndetse n'umuco wacu.

Amoko menshi agira imyambaro yihariye aranga umuco wabo. ingero ni nyinshi. Twavuga igishuri kitwa *Sari [saree]*_ umwambaro uranga abantu bo mu bihugu by'Ubuhande, Sri Lanka, Pakistan, Bangladesh na Nepal. Kimono ni umwambaro wihariye mu gihugu cy'Ubuyapani; ni igishura kirekire cyambarwa mu minsi mikuru y'Abayapani. Shúkà na woo umwambaro tubona kenshi uranga ubwoko bw'abamasayi baboneka mu majyepfo ya Kenya no mu majyaruguru ya Tanzani.

Mu Rwanda natwe dufite Umushanana, ukaba ari umwambaro w'ibirori ku bagore.

Izi ni ingero nke z'imyambaro y'agaciro ku mico y'abantu itandukanye, ku buryo uwo tubonye awambaye bidufasha kumenya uko tumwitwaraho twubahiriza umuco we.

Nyamara umuco ntabwo ugarukira gusa ku myenda y'umwihariko abantu b'ahantu runaka bahuriraho nk'ikirango cyabo_ ahubwo urarenga ukanashyiraho imbibi z'ibyo abantu bemerewe n'ibyo batemerewe kwambara.

Turebeye ku muco w'iwacu i Rwanda, abantu bagomba kwambara bakikwiza. Uwambaye imyenda igaragaza ibice by'ibanga by'umubiri mu bihe bishize yafatwaga nk'indaya, icyirara n'umuntu wamaze guta umuco. Ni cyo gituma iyo hari ukoze ibinyuranye n'ibyo, ahinduka ingingo igibwaho impaka cyane.

Hari inkuru y'ibyabaye mu gihe cyashize, y'umuntu wigeze gupiganira kugenda yambaye ubusa mu isoko. Ibi bikojeje isoni cyane mu muco wacu, ku buryo byabaye inkuru yakwirirye hose



Sari [saree]: Umwenda wihariye mu gice cy'Ubuwazuba

Indi nkuru yasakaye cyane vuba aha ni iy'umwe mu bakobwa bahataniraga kuba Nyampinga, washyize amafoto ye hanze yambaye ubusa buriburi; hari n'ibindi bisa bityo byadutse mu bahanzi nyarwanda, nyamara byose byabaye inkuru zikojeje isoni kandi zitera benshi gucika ururondogoro kuko nyine bidahuje n'umuco nyarwanda, ndetse bihanwa n'amategeko.

Mu gitabo cy'amategako ahana mu Rwanda, Itegeko No.8/2018 ryo ku wa 30/8/2018 riteganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo yaryo ya 143 iravugako ngo

“Umuntu wese ukora ibiterasoni mu ruhamye aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igihano cy'igifungo kitari muni y'amezi atandatu ariko kitarenze imyaka ibiri.”



Nakunze inkuru yanditswe mu kinyamakuru Kigali today ku wa 2/10/2019, inkuru yabazaga iti 'ni ryari bavuye ko umuntu yishe cyangwa yataye umuco?' [13]

Umwe mu baganiriye n'umunyamakuru yarasubije ati:

“Niba uzi ko iwanyu mu gace runaka badapfumura amazuru kandi ari ho utuye, warangiza ukaripfumura uzi neza yuko bizagaragara nabi ku bakureba, ukima agaciro ibizakuvugwaho, menya ko uzaba warenze ihaniro. Uzaba wataye umuco.”

Undi na we yagize icyo avuga ku bitwaza ko abakurambere bacu bambaraga imyambararo ipfuka imyanya y'ibanga gusa, maze aravuga ati:

“Ntabwo abanyarwanda bigeze bafata umuco wo kwambara cyangwa kutambara... ni wa mutima bagiraga wo kwerekana ko ubwambure bw'umugore bugomba guhishwa cyane kurusha ubw'umugabo; no mu gihe cy'amaburakindi imyambaro yabaye micye yaharirwaga umugore, kuko ni ba mutima w'urugo; noneho bakazana cya kintu cy'agapfundikiye gatera amatsiko, ndetse ko umunyubwunze witwa ivu!”

Yakomeje, ati:

“Igihe abazungu bazanaga amakanzu, abanyarwanda bayise 'ikizibaho' nk'igisobanuro cyo kuziba icyuho. Ati “Iyo ibintu wabifashe ukabigira ibyawe, ukabishyira mu buzima bwawe, ukanabyita amazina yawe, ubwo biba byabaye ibyawe.

“... Iyo bavuze yuko umuco wapfuye bitangirira ku kubura umutima, ukibagirwa ko amata agira gitereka, ukibagirwa ko ku ruhimbi atari nko ku karubanda, ukayoberwa ko imyanya y'ibanga yawe hari uwo igenewe, itagenewe abantu bose”

Kuko biri mu mucu nyarwanda kwambara ukikwiza, uwambaye imyenda migufi ugifite umutima w'ubupfura, uzabona adatekanye mu muhanda, kuko uzasanga agenda amanura ya myenda kugira ngo ahari ibashe kugera hasi gato. Igihe azaba yicaye, azakomeza kwimunyamunya no kwitwararika cyane, kuko nyine yakoze ibinyuranye n'umutimanama we.



2.2 IMYAMBARO N'INSHINGANO

Abantu benshi iyo havuzwe ikibazo cy'imyambaro, usanga bahamya ko imyambaro ntacyo ivuze, ndetse ari ikintu kidakwiriye kudukerereza.

Nyamara jye nawe usoma iyi nyandiko tubasha guhamanya ko imyenda ifite agaciro ndetse agaciro gakomeye duhereye ku myambaro imwe n'imwe imenyekanisha inshingano.



Nimutekerezeye imyiteguro y'umuntu uri gusaba akazi, akaba agomba gukora ikizamini cy'amagambo (interview); uyu muntu agomba kwita ku myambarire ye bikomeye kugira ngo bimuheshe amahirwe yo kwemererwa akazi. Kubera iki se?

Kubera ko imyambarire y'umuntu idutera kumutekerezwa mu buryo runaka, no kumugirira icyizere ko afite imico mbonera izakenerwa mu kuzuza inshingano azaba yeguriwe igihe azaba yinjiye mu kazi.

Niba nta gaciro imyenda ifite: Buri wese yabasha kudodesha imyenda mu mwambaro wa gisirikare, maze akajya mu muhanda akagenda ntacyo yikanga; ibiri amambu, nta muntu wemerewe kwambara umwenda wa gisirikare atari umusirikare, ndetse afatanywe n'agatabu kawo yasobanura aho yagakuye.

Niba utari ubizi, n'inkweto za gisirikare (nubwo zenda gusa n'izindi zisanzwe) nta muntu usanzwe, utari umusirikare wemerewe kuzambara. Ntabwo rero twakwibeshya twibaza ngo mbese uriya ni umusirikare, igihe cyose yambaye umwenda w'akazi.



Niba nta gaciro imyenda ifite: ntabwo abanyeshuri baba bategekwa kwambara impuzankano (uniform) igihe bari muri gahunda z'amasomo.

Umunyeshuri afite ibihano ahabwa mu gihe yirengagije kwambara umwenda w'ishuri kuko ari cyo kimuranga kandi kikamutandukanya n'abandi.

Si ibishidikanywaho ko umwenda w'ishuri ari ishema ry'abanyeshuri igihe bawambaye, kandi ari ikibaranga mu gihe bari mu bandi bantu. Hari serivisi bazahabwa kuko bambaye uwo mwambaro batari guhabwa iyo baba batawambaye.

Niba nta gaciro imyenda ifite: ntabwo muganga yakwambara umwenda wabugenewe. Ibihabanye n'iby, mu mategeko agenga baganga avuga ko nta muganga wemerewe kugera mu cyumba cy'abarwayi atambaye umwenda wagenwe, bitewe na serivise akoreramo.

Niba warageze mu cyumba cy'ibagiro, uzi agaciro k'imyenda y'abaganga, uhereye ku mutwe ukageza kubirenge. Ntibibaho ko muganga akora akazi ke yirengagije ingingo y'umwambaro wamugenewe.

Niba nta gaciro imyenda ifite, Abagore b'abayisilamu ntabwo baba bahora bitandije ibitambaro mu mutwe; Abasaseridoti ba kiliziya gatolika ntabwo baba bategetswe iteka kwambara ibishura mu gihe bari mu mirimo ya Kiliziya, abenebikira ntibaba bategetswe gusohoka mu ngoro zabo bambaye ikamba ryabo.



Mu mwaka wa 2010 nari ndi mu muji wa Kigali. Muri icyo gihe, abapolisi bari bafite akazi kenshi mu muhanda; batangiraga abantu bagaragara ko bambaye nabi muri gahunda yo guca akajagari mu muji ndetse no kugabanya abana bo mu muhanda (mayibobo) mu muji, maze bakaburiza imodoka ya polisi (panda-gari) bakabajyana mu bigo ngororamuco, abandi bakajyanwa i Wawa.

Muri iki gihe cy'umukwabu ukaze nahigiye isomo rikomeye cyane ryerekeye imyambaro. Muri uwo mukwabu, umuntu wabaga yambaye neza bigaragara ntabwo polisi yigeraga imukekera kuba mu muhanda.

Ariko icyarushijeho kunyigisha ni uburyo ba karani ngufu (ubusanzwe ni umwuga w'aba bantu bibera mu muhanda), ariko bambaye isurubeti nk'umwenda w'akazi (hatitawe ku isuku yawo), na bo polisi yabubahiraga uwo mwenda, maze bakajyana bagenzi babo batawambaye ariko bo bagasigara.



Kimono: umwambaro wihariye
w'Abayapani

Imyambaro ni urwandiko rubasha gusomwa na buri wese, rufitwe n'abakozi muri serivise runaka, kugira ngo uje ashaka serivise ataza kuyobagurika yibaza aho aza kuyibariza.

Mbese wari uzi ko hari imyambaro igenewe abakora umwuga wo gucuruza imibiri yabo? Ya myenda y'impenure, ishyira ku karubanda imyanya y'ibanga, ni imyambaro ubundi yambarwa n'abicuruza, kuko nyine baba ari aba buri wese ubagana.

Nyamara biteye isoni kubona umukobwa w'umutima udakora uwo mwuga, na we yiyambitse nk'indaya! Niyibuke ya magambo twavuze ku muco, yuko akwiriye kugira umutima, akomeze indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Reka yibuke ko agapfundikiye gatera amatsiko, kandi ko umunyu wabunze witwa ivu, maze bimutere kwiha agaciro.



2.3 IMYAMBARO N'UBUZIMA

Ubuzima bw'umuntu ntibushobora gutana n'imyambaro. Duhereye kuri rwego rw'ibikenerwa rwa Maslow, imyambaro iza mu by'ibanze umuntu akeneye kugira ngo abeho.

Muri iki gice turibanda ku kamaro k'imyambaro ku buzima bwacu, n'ingaruka zishishana imyambaro imwe n'imwe ishobora guteza igihe ikoreshejwe nabi.

Kurinda umubiri

Imyambaro ni ingenzi cyane kugira ngo ubuzima bwa muntu bugubwe neza. Uretse kuba imyambaro ifasha uyifite kumva atuje mu mutwe, adakozwe n'isoni mu bandi kandi agaragara neza, imyambaro inafite uruhare rukomeye ku buziramuze bw'imibiri yacu.

Imyambaro ifasha umubiri gukomeza kuringaniza igipimo cy'ubushyuhe, cyane cyane mu gihe cy'ubukonje... Ni ingenzi kwifubika bihagije kugira ngo amaraso akomeze gutembera neza mu bice byose by'umubiri.

Imyambaro yacu ikwiriye kuba itanga ubwisanzure bw'ingingo zose z'umubiri; kuko imiterere y'umubiri w'umuntu, cyane cyane iy'abagore, ikenera ubwigenge no kwisagagura nta kiyizitiye. Ariko muri iki gihe cy'iterambere, aho amategako y'ubuzima atitaweho na benshi, usanga imyambarire ishyonyagijwe mu bantu ari iyangiza ubuzima bwabo.

Umuntu umwe yagiriwe inama yo kwifubika mu gihe cyimbeho, maze arasubiza ati: "aho kwica stire [style] nakwicwa n'umusonga."

Abatekereza ibyo bazagibwaho n'urubanza rushishana rwo gutsemba urusengero rw'Imana



Kurinda kanseri y'uruho.

Byaragaragaye ko dukwiriye kwirinda kanseri y'uruho twirinda kujya ku zuba rikabije, nyamara usanga kenshi bitadukundira kuko imibereho y'ubuzima itatwemerera kugira igihe dufusha ubusa.

Imyenda idufasha kurwanya izuba ryinshi. Abantu basabwa kwambara ingofero igihe bari ku zuba ryinshi kugira ngo ribarinde kuba bafatwa na kanseri y'uruho, akenshi iterwa n'izuba ryinshi.

Kurinda amaso

Bitewe no kwangirika kw'akayunguruza k'izuba (Ozone), imirasire yaryo yangiza itugeraho mu buryo bworoshye, ikaba ibasha gutera mu buryo bumwe cyangwa ubundi kwirema kw'indwara y'ishaza (cataractes) ndetse no guhuma kw'imboni y'ijisho.

Amataratara (muri uyu mwanya dufata nk'umwambaro), adufasha kurinda amaso yacu kwangizwa n'iyi mirasire ndetse no kwirinda umuyaga ubasha kudutokoza. Amataratara tuvuga ntabwo ari abonetse yose, ahubwo ni abasha kudufasha muri ubu buryo.

Dukwiriye kandi gukoresha amataratara y'ubwirinzi igihe cyose turi gukora mu mirimo ibasha gutuma hari ikintu cyose kibasha gutarukira mu maso nk'abakora umurimo wo gusudira, n'abandi.



Kurinda amabere.



Ibere ni inyama y'igiciro kinini cyane ku mubiri w'umugore, kuko ari yo kirango cya mbere cy'umwihariko we. Ibirenze ibyo, ibere ritanga ubuzima ku mwana muto uje ku isi.

Mu miremerwe yayo, amabere ni inyama yorohereye cyane ku buryo igihe ahura n'izuba ryinshi (ni ukuvuga kurenza isaha ibere rihura n'izuba) riyagwa nabi cyane, agata uguhagarara asanganywe maze akagwa, kandi akaba yakurizamo na kanseri iturutse ku mirasire yotsa. Ibyo bivuze ko umuntu akwiriye kwambara imyenda ifubika amabere, ntagendere ku byadutse ubu byo kugaragaza umugabane wayo.

Ikindi gikwiye kwitonderwa ni imyanda iyafata (amasutiye). Aya na yo ntabwo akwiriye kuba anyunyiriye umubiri, ku buryo usanga yishushanije ku mubiri, cyangwa aho yaziritse hatukuye. Bene ibyo bibangamira ugutembere kw'amarazo muri izi ngingo z'ingenzi, kandi ibyo bizahaza ingirangango ziyagize.

Igihe cyo kuryama ni byiza kwiyambura isutiye, kugira ngo amabere yawe yisanzure.



Kurinda gutembera kw'amaraso

Ibice by'umubiri bicamo imitsi minini y'imijyana n'imigarura, bigomba kwambara (gufubikwa) kugira ngo amaraso atavurira muri iyo mitsi kubera ubukonje. Kutirinda ubukonje bibangamira bikomeye gutembera kw'amaraso mu mubiri.

Kwirinda indwara zifata imyanya myibarukiro




Imyambaro iboshye umuntu (colans) ni akaga gakomeye ku mubiri w'uyambaye.

Ku bagore,

Amakola n'amapataro abafatiriye muri rusange ni akaga gakomeye kuri bo kuko imiterere yabo ituma bakenera umwuka mwiza (oxygen) uhagije kurusha abagabo, bityo kwambara iyi myenda bizitira kwinjira k'umwuka mwiza no gusohoka k'umwuka mubi.

Ibi bizakurura ku buryo bworoshye amahirwe menshi yo kwandura indwara ya tirikomunasi (trichomonase).

Bitari ugukabya, ntabwo birimo inyungu ku gitsina gore kwimenyereza kwambara ipataro, hagendewe ku muco mbonera ndetse no kwita ku buzima.



Ku bagabo,

Imyambaro ibafatiriye bitinde bitebuke, nabo izabagiraho ingaruka ziremereye.

Kwambara umukandara (ceinture), maze ukazirika ku buryo nuzakwukuramo usanga wishushanyije ku mubiri nibi cyane kuko bibangamira gutembera kw'amaraso, imikorere myiza y'impyiko, ndetse n'igogora.

Imyenda y'imbere (sous vêtements) na yo ikwiriye kuba itanyunyiriyemo umuntu; iyo ifatiriye umuntu, ibangamira udusabo tw'intanga (amabya) kuko ituma dushyuka cyane.

Utu dusabo tw'intanga tuzirana n'ubushyuhe bukabije, kandi na none tukazira ubukonje burengeje urugero.

Iyi ni yo mpamvu usanga mu gihe cy'ubushyuhe, uruhu rubika utu dusabo rukweduka maze tukamanuka tukitaza umubiri ngo utadushyuhira cyane, kandi mu gihe cy'ubukonje, rwa ruhu, rwegera cyane umubiri, kugira ngo twa dusabo tubashe gushyushywa n'umubiri.

Muri ubu buryo, iyi myenda ifatiriye izabangamira utu dusabo mu gihe cy'ubushyuhe, kuko igihe tuzashaka guhunga ubushyuhe bukomotse ku mubiri, tutazabibasha kuko wamwenda watuzirikiyemo kuguma ku mubiri.

Ibyo bizazanira ubikora mu gihe kiri imbere kanseri ya purositate (prostate), cyangwa akurizemo n'ubugumba.

Izi ngingo zerekeye ubuzima zose ziraduhamiriza ko imyenda iboneye ku mubiri wacu, ari imyenda irekuye umuntu, yemerera umubiri guhumeka neza, kandi umuntu yambara akikwiza.

Kurinda indwara z'ubuhumekero.



Mu gihe agapfukamunwa kari kamenyerewe gusa ku baganga, icyorezo cya COVID-19 cyatumye abantu bose basobanukirwa n'uburemere agapfukamunwa gafite mu kurinda ikwirakwizwa ry'indwara zandurira mu myanya y'ubuhumekere.

Agapfukamunwa kabaye igikoresho cy'ingenzi mu guhangana n'indwara z'ubuhumekere mu bihe bitandukanye. Ni ingenzi kwambara neza agapfukamunwa mu gihe wegereye umuntu ufite ibimenyetso by'indwara z'ubuhumekero nk'igituntu, COVID-19, n'izindi.

Nyamara ntidukwiriye kwirengagiza ingaruka zizanwa no kwambara agapfukamunwa igihe kirekire, kuko kabuza umwuka mwiza kwinjira wa okisijene, maze umuntu agakomeza guhumeka umwuka mubi. ibi bicogoza imbaraga z'ingirangingo z'umubiri (cells) zose uko zakabaye, kandi igice cy'ubwonko ni cyo kizahara kurusha ibindi, kuko ubusanzwe ubwonko butunzwe n'uyu mwuka wa okisijeni hamwe n'isukari (glucose).

Kubura umwuka uhagije wa okisijeni bizakurikirwa n'ibimenyetso bikomeyebirimo kubabara umutwe, iseseme no kuruka, gutera cyane k'umutima n'ibindi.

Dushobora kwitega ukwiyongera kw'indwara ya kanseri, kudindira kw'abana mu ishuri, ukwiyongera k'umujagararo [stress] mu bakozi, n'ibindi bibi byinshi bikomotse ku kwambara igihe kirekire agapfukamunwa kuko kabuza umubiri kwakira umwuka mwiza.

Kwirinda inkweto zangiza ubuzima.



Tugendeye ku buvuzi bushingiye ku gukanda ibirenge [reflexiology], kugenza ibirenge wari umugisha w'abatubanjirije, igihe inkweto zari zitaraduka.

Icyakora ntabwo twakwirengagiza ko amajyambere yateye na none kwangirika kw'ahatuzengurutse mu buryo bukomeye, bityo inkweto zikaba zarabaye igisubizo ku kwirinda mikorobe (microbes) zatwinjira ziciye mu birenge.

Iyo tugenda, ntabwo twita kuri buri ntambwe duteye. Ibyo bifasha intekerezo zacu gutekereza ku by'ingenzi byo mu mibereho, kandi n'igikorwa cy'urugendo dufite tutagihagaritse.

Ariko ku muntu wambaye inkweto zidasanzwe, inkweto ndende, bimutera kwigengesera cyane, akita ku migendere ye n'aho agiye gukandagiza ikirenge kugira ngo atavunika. Ibi rero bidindije imikorere y'ubwonko, kuko bugiye kwita ku kitari ingenzi aho kureba ku bikenewe byo mu buzima.

Uretse ku kuba abantu bambaye izi nkwezo ndende bazagira ibitekerezo bidindiye, na none bibasha kwangiza zimwe mu ngingo z'umubiri.

Inkweto ndende zibasha kuvuna uzambaye. Izi nkwezo kandi igihe zigizwe akamenyero, zibasha kuyobya nyababyeyi ku bagore, maze mu gihe cyo gusama, umwana akaba yasamirwa inyuma yayo. Ibi ni byo nkuruzi yo gukuramo inda kwa hato na hato kuri bamwe.


Uyu mubyeyi kandi ukunda kwambara inkweto ndende, azagira amahirwe menshi yo kubyara bamubaze.

Muri ubu buryo, inkweto zikwiriye kumuntu wese, ni inkweto umuntu yakwambara akiruka nta nzitizi.

3

INDI MIRIMBO INYURANYE



A close-up photograph of a person's face and neck, heavily tattooed. The person has a nose ring and is looking slightly to the side. The tattoos are intricate and cover a large portion of the visible skin. The lighting is dramatic, with strong highlights and shadows.

**"Umuntu wese
muri mwe
udasiga ibyo
afite byose,
ntashobora
kuba
umwigishwa
wanjye"**

Yesu Kristo, [Luka 14:33]



3.1 KUBOHA IMISATSI

Ingingo yo ku boha imisatsi ni imwe mu ngingo zigibwaho impaka cyane ku bakristo benshi, ndetse byatumye amatsinda atari macye avuka. None se ubwo bimeze bityo, umuntu w'Imana yahagarara mu ruhe ruhande?

Bibiliya ibuzanya mu buryo bwahuraniye kuboha imisatsi (kandi ibyo ni byo bijyana no kuja muri za salon no guhindura ibara ry'umusatsi, gusokoza ibimeze nk'amahembe cyangwa andi mashusho n'amabara):

“Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma wo kuboha imisatsi cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa gukanisha imyenda” 1Petero 3:3

“Kandi n'abagore nuko ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda kandi batirimbisha kuboha umusatsi cyangwa izahabu cyangwa imaragarita cyangwa imyenda y'igicro cyinshi.” 1Timoteyo 2:9

Ntabwo Bibiliya yabwiye abagore gusa, ahubwo yongera kwihanangiriza igitsina gabo kwirinda kwimoza no gutereka umusatsi mwinshi ku bagabo ndetse no gusenga batwikiriye mu mutwe [bambaye ingofero]:

“Umugabo wese iyo asenga cyangwa ahanura umutwe utwikiriwe, aba akojeje isoni umutwe we kuko umugabo atakomotse ku mugore ahubwo umugore ari we wakomotse ku mugabo; kamere yanyu ubwayo ntibahamiriza ko iyo umugabo ahirimbije umusatsi umukoza isoni, naho umugore iyo ahirimbije umusatsi ukaba ari ubwiza bwe? koko yahawe umusatsi mu cyimbo cy'umwambaro wo mu mutwe” 1Abakorinto 11:4,8,14-15.

Icyitonderwa:

“Ibyo Imana itubuza n'ibyo itegeka ntibigamije kugaragaza ubutegetsu bwayo gusa; ahubwo mu byo ikora byose, iba igamije kugubwa neza kw'abana bayo. Ntibasaba kureka ikintu cyose cyajyaga kubagwa neza baramutse bakigumanye.” [4, p. 416]

Imana yaturemye yaduhaye aya mahame ngenderwaho kubw'ineza n'ubuzima buzira umuze kuri twe: Kuboha imisatsi ni bimwe mu biri gutera abantu umutwe udakira, ibibyimba byo mu bwonko, no guhorana umunabi (mauvais humeur). Umutwe w'umuntu ukwiriye koga byibuze kabiri ku munsu kugira ngo ubwonko, nk'umugenga w'ibindi bice by'umubiri, bubashe kuruhuka neza. ni itegeko ry'ubuzima ko ubwonko bukwiriye guhozwa kenshi, kuko bushyuha cyane kubeera akazi kabwo, kandi uburyo bworoshye bwo kubuhoza ni ukoga amazi akonje.

Kuboha imisatsi bituma abantu babasha kumara amezi agera kuri atandatu bataramesa mu mutwe. Niba umuntu ahisemo kuboha imisatsi, azirikane no kujya yibuka kumesamo mu mutwe inshuro ebyiri mu munsu, atitaye ku kwangirika kwawo.



Ikindi gikwiriye kwitabwaho mu mahitamo yacu tugira ku byerekeye kwita ku musatsi, ni ukwibuka ko ikintu cyose gitera umutwe gushyuha ari ikosa rikomeye ku buzima bwawe. Ngaho rero reba biriya byuma bishyushye bikoreshe mu gutunganya umusatsi ; reba kiriya kigofero gishinzwe kumutsa. Ncuti yanjye, uhisemo gushyira ubuzima bwawe mu kanga niba buri cyumweru ugomba kujya muri Salon gukoresha umusatsi.

“Neretswe ibyanditswe bikurikiyeho. Marayika yaravuze ati: “Birakwiriye kwigisha ubwoko bw’Imana.” “Kandi n’abagore ni uko ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda; kandi batirimbisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y’igicro cyinshi, ahubwo birimbisha imirimo y’ingeso nziza, nk’uko bikwiriye abagore bavuga yuko bubaha Imana.” (1 Timoteyo 2:9, 10). “Umurimbo wanyu we kuba uw’inyuma, uwo kuboha umusatsi, cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukanisha imyenda: ahubwo ube uw’imbere, uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w’umwuka ufite ubugwaneza n’amahoro, ni wo w’igicro cyinshi mu maso y’Imana. Abagore bera ba kera biringiraga Imana ni ko birimbishaga.” 1 Petero 3:3-5.

Benshi babona ko ayo mategeko ari aya kera cyane adakwiriye kwitabwaho; ariko uwayahaye abigishwa be yari azi akaga gaturuka ku gukunda imyambaro ko mu gihe cyacu, maze atwoherereza urwibutso rwo kutuburira. Mbese tuzita kuri uwo muburo tube abanyabwenge? ...” [14]



3.2 KOGOSHA INGOHE NO KWISIGA AMARANGI

Imana bitewe n'uko imenya ibizaba bitaraba, yabonye ko abantu bo mu minsi y'imperuka bazajya bogosha ingohe, abandi bakisiga amarangi, maze itanga inama:

“Dore iminsi igiye kuza niko Uwiteka avuga, ubwo nzahana abakebwe bose bafite umutima utakebwe, Egiputa n’Ubuyuda na Edomu n’Abamori nab’i Mowabu n’abiyogoshesha ingohe z’umusatsi bose batuye mu butayu. Kuko ayo mahanga yose atakebwe n’ab’inzu ya Isirayeli bose ntibakebwe mu mitima” Yeremiya 9: 24-25

Bibiliya kandi ihuza kwisiga irangi ku mubiri n’ubupagani n’ubuhakanyi muri aya magambo:

“Yehu ageze i Yezereli, Yezebeli arabyumva maze yisiga irangi mu maso asokoza umusatsi, aherako arungurukira mu idirishya” 2 Abami 9:30

“Nawe ubwo uzasenywa uzagira ute? Naho wakwiyambika imihemba ukirimbisha ibyambarwa by’izahabu, ukisiga irangi ku maso uzaba wirimishirije ubusa, abakunzi bawe barakugaya barahiga ubugingo bwawe” Yeremiya 4:30



Bibibiliya yongera kugaragaza kwisiga irangi nk’ikimenyetso cy’uburaya.

“Maze kandi mwatumye ku bagabo ba kure, batumweho intumwa bahera ko baraza, ubabonye uriyuhagira, amaso uyarabaho ibara uriringaniza wicara ku buriri bw’icyubahiro n’ameza atunganirijwe imbere yabwo uyaterekaho imibavu yanyje n’amavuta yanyje ya Elayo”. Ezekiyeli 23:40-41.

Tunazirikane ko Yezebeli twabonye mu 2Abami 9:30 ashushanya umugore w’indaya uboneka mu Byahishuwe 17

Kugira ngo Imana ibane n'Abisirayeli bagombaga kubaho mu buryo buhuje n'uko Imana ishaka. Abantu bumvise ijamba ribi barababara cyane, ntihagira uwambara iby'umurimbo.

Uwiteka abwira Mose ati: “Bwira Abisirayeli uti: ‘Muri ubwoko butagonda ijosi, nagendera hagati muri mwe n'akanya gato nabarimbura. Nuko mwiambure iby'umurimbo byanyu kugira ngo menye uko mbagenza’. Abisirayeli biyambura iby'umurimbo byabo batangirira ku musozi wa Horebu no murundi rugendorwabo rwose”. Kuva 33:4-6

Biri mu nyungu z'umuntu kwita ku byo Imana isaba. Ubushakashatsi bwinshi bwakozwe bwagaragaje ko aya mabara akoreshwa mu kwirimbisha ari inkuruzi y'indwara zinyuranye nka kanseri zinyuranye, imikorere mibi mu ivuburwa ry'imisemburo y'umubiri, gusyigingira mu mikurire n'imiterekereze, n'ibindi.

Izi ngorane zikomoka mu binyabutabire bikoreshwa hakorwa aya mavuta n'amarangi. Twavuga ikinyabutabire cya Talc na Asbestos bitera kanseri.

Lead ni ikindi kinyabutabire gikoreshwa cyane mu birungo basiga ku maso. Ubu cyo cyamaze gukurwa ku isoko ryo muri Amerika n'urwego rushinzwe ibiribwa n'imiti (FDA) kuko giteje akaga ku buzima bwa muntu

Hari n'ibindi binyabutabire nka Cadmium, mercury, ibinyabutabire byo mu bwoko bwa parabens, Nickel, Chromium, Hydroquinone n'ibindi; byose ni inkuruzi z'ingorane zibasiye umuryango w'abantu uyu muni.

"Uburyo bwo kubaho butuma abantu bagira amagara mazima buzatuma imibereho y'umuryango irushaho kugenda neza mu buryo bwose kandi bizatuma umubyeyi w'umugore abona igihe cyo kwita ku bana be. Isomo rikomeye ababyeyi baziga rizaba uburyo bashobora kurera abana babo neza kugira ngo bazabe ingirakamaro muri iyi si kandi ngo na nyuma y'ubu buzima bazabe bakwiriye kuba mu ijuru. Bazanezewa no kubona abana babo bambaye imyenda myiza ibakwiriye nyamara idafite imitako. Bazakorana umuhati kugira ngo babone abana babo bafite umurimbo w'imbere, umurimbo w'umutima w'ubugwaneza kandi utuje ari wo w'agaciro kenshi mu maso y'Imana. " [15]





3.3

AMAHERENA N'IMPETA

“Nzamuhora iminsi yamaze yosereza ibigirwamana bya Bali imibavu, yambaye impeta zo mu matwi n'inigi, agakurikira abakunzi be naho nyewe akanyibagirwa” niko Uwiteka avuga. Hoseya 2:15

Bibiliya Ibuzanya kwambara amaherena.

“Maze Yakobo abwira abo mu rugo rwe bose n’abo bari kumwe bose ati “Mukureho imana z’abanyamahanga ziri muri mwe, mwizirure mwambare indi myenda. Baha Yakobo imana z’abanyamahanga zose bari bafite n’impeta zari mu matwi yabo, Yakobo abihisha muni y’igiti cyitwa Umwela cyari hafi y’I Shekemu” Itangiriro 35:2,4

Imana ntabwo yemerera Abisirayeli kwabara impeta n’amaherena, ahubwo bagiye bigana amahanga yari abazengurutse n’ayo bagiye banyuramo maze bakigana umuco w’abatakebwe niyo mpamvu Imana yakoresheje Gidiyoni kubikuraho.

Gidiyoni arabasubiza ati“Sinemeye kubatega n’umuhungu wanjye ntabwo azabatega, ahubwo Uwiteka niwe uzabatega”.Maze arababwira ati: ‘Hariho icyo mbasaba: Umuntu wese ampe impeta zo ku matwi z’iminyago mwazanye’ (Abamidiyani bambaraga impeta z’izahabu ku matwi yabo kuko bari Abishimayeli). Abacamanza 8:23-24.

Ariko bene Isaka bagombaga kugaragaza itandukaniro., ntibagombaga kwambara impeta.

Ubundi Bibiliya igaragaza ko abambaraga impeta bari abatambyi ba Bayali bisobanuye ko ubwoko bw’Imana by’ukuri butagomba kwambara impeta.

“Nzamuho iminsi yamaze yosereza ibigirwamana bya Bali imibavu, yambaye impeta zo mu matwi n’inigi, agakurikira abakunzi be naho nyewe akanyibagirwa” niko Uwiteka avuga. Hoseya 2:15

Dore icyo Imana yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi wayo Yesaya:

Kandi Uwiteka aravuga ati: “Abakobwa b'i Siyoni bafite ubwibone kandi bagenda bashinze amajosi, barebana amaso y'abahehesi, bagenda bakimbagira bacinya inzogera. Nicyo kizatuma Uwiteka ateza abakobwa b'i Siyoni ibikoko mu bitwariro, agatwikurura ibiteye isoni byabo”. Uwo muni Uwiteka azabambura ubutega barimbana b'ibikubwe n'ibirezi, n'imitako n'ibitare n'imishuzi, n'imitamirizo n'imikufi yo ku maguru, n'imyeko n'imikondo y'amadahano n'impigi n'impeta n'izindi mpeta zo ku maguru, n'imyambaro y' amabara myiza n'imyitero n'ibishura n'amasaho y'umurimbo. Yesaya 3:16-22

Ukwitobora na byo byagiye bitera bamwe ubwandu, amatwi ibice byatobowe bikabyimbagirana. Abantu babasha kwanduriramo indwara zinyuranye zirimo tetanosi, Ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, agakoko gatera umwijima.

Ibindi bibazo bishobora kuvuka ni ukuva amaraso menshi ahatobowe akanga gukama.

Hari abatera intambwe bagashyira amaherena ku rurimi n'iminwa. Kenshi aba bagira ibibazo kwinjiza udukoko twangiza mu kanwa n'amenyo. Amaherena yambawe ku minwa no ku rurimi biba byoroshye ko yivanamo bitunguranye maze umuntu akaba yayamira, bigateza ibindi bibazo mu nyama zo mu nda.



3.4

KWIKÉBA KU MUBIRI NO GUCA IMANZI [TATUAGE]

“Ntimukiraburisha kwikeba ku mubiri, kandi ntimukicisha imanzi z’ibishushanyo. Ndi Uwiteka” Abalewi 19:28

Guca imanzi ku mubiri (tattoo/tatuage) bimaze kuba icyorezo ku batuye isi bo mu ngeri zose muri iki kinyejana cya 21. Imibare itangwa igaragaza ko byibuze 38% by'abatuye isi buri wese aciye imanzi imwe ku mubiri we.

Ni igikorwa cyahozе kitemerwa mu mico imwe n'imwe cyane cyane ku bemera Imana, ariko uyu muni guca imanzi byamaze kwakirwa nk'igikorwa cy'ubugeni, ndetse no mu bakristo.

Ariko se Imana ibona ite abaca imanzi ku mubiri yabo? Mbese n'abakristo bemerewe guca imanzi?

Isomo rimwe gusa muri Bibiliya ni ryo rivuga ryahuranije ku byerekeye guca imanzi:

“Ntimukiraburisha kwikeba ku mubiri, kandi ntimukicisha imanzi z'ibishushanyo. Ndi Uwiteka.” Abalewi 19:28

Nyamara hari benshi batemera iri tegeko ry'Imana, kuko bamaze gutesha agaciro umugabane wa Bibiliya w'isezerano rya kera. Baravugaga bati: “Ibyo ntabwo ari ibyacu kuko turi mu bwami bushya bw'ubuntu bwa Kristo.”

Hari abandi badashidikanya ubutware bw'Ijambo ry'Imana uko ryakabaye [harimo n'isezerano rya kera], ariko iri tegeko ryerekeye guca imanzi bakarishyira mu mugabane w'amategeko y'imihango yarangiriye ku musaraba, ubwo Kristo yavugaga ati: “Birarangiyе.”



Ariko abibwira ibi byose nibazirikane agaciro k'ibyanditswe Byera uko byakabaye:

“Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka 17kugira ngo umuntu w’Imana abe ashytse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.” 2 Timoteyo 3:16

Pawulo uvuga ibi, nta bindi byanditswe byera yavugaga bitari umugabane w’Isezerano rya kera kuko ari wo bari bafite icyo gihe.

Ku bibwira ko iri tegeko ryo mu Balewi 19:28 ari itegeko ry’umuhango na bo nibazirikane ko umuhango uba ufite icyo ushushanya, bityo “guca imanzi” ntaho bihuriye n’amategeko y’imihango kuko nta cyo twarihuza na cyo ryashushanyaga mu byerekeye ugucungurwa kw’inyokomuntu.

Ijambo ry’Imana rishimangira kenshi ko turi ab’Imana, kandi imibiri yacu ari insengero z’Umwuka w’Imana.

“Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z’Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana.” 1 Abakorinto 6:19-20.

“Nuko bene Data, ndabingira ku bw’imbabazi z’Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n’Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.” Abaroma 12:1

Mbese umuco wo guca imanzi wakomotse hehe?

Ijambo ry’Imana riduhishurira ko guca imanza bishinze imizi bu bupfumu no gusenga ibigirwamana:

“Barongera batera hejuru, bikebesha ibyuma n’intambi nk’uko basanzwe babigenza, kugeza aho amaraso yabereye imyishori kuri bo.”

Nuko rero,

“Ntibishoboka ko munywera ku gikombe cy’Umwami wacu kandi ngo munywere ku gikombe cy’abadayimoni. Ntimushobora gusangira ibyo ku meza y’Umwami wacu n’ibyo ku meza y’abadayimoni.” 1 Abakorinto 10:21

Mbese umuco wo guca imanzi wakomotse hehe?

Ijambo ry’Imana riduhishurira ko guca imanza bishinze imizi bu bupfumu no gusenga ibigirwamana:

“Barongera batera hejuru, bikebesha ibyuma n’intambi nk’uko basanzwe babigenza, kugeza aho amaraso yabereye imyishori kuri bo.”

Nuko rero,

“Ntibishoboka ko munywera ku gikombe cy’Umwami wacu kandi ngo munywere ku gikombe cy’abadayimoni. Ntimushobora gusangira ibyo ku meza y’Umwami wacu n’ibyo ku meza y’abadayimoni.” 1 Abakorinto 10:21

Na none ushobora kuvuga uti:
“nzaca imanzi zishingiye ku
myizerere ya gikristo
nk’ikimenyetso cy’umusaraba,
umutima w’urukundo, cyangwa
niyandikeho amagambo yo muri
Bibiliya.” Aiko ibyo ntabwo
biguhesha uruhushya rwo
kubikora kuko Imana bwayo ari
yo yavuze iti:



“Ntimuzagirire Uwiteka Imana yanyu nk’uko bo bagirira
imana zabo.” Gutegeka kwa kabiri 12:4

“Ntimuzakurikize imihango y’ishyanga nzirukana imbere
yanyu, kuko ibyo byose babikoraga bigatuma mbanga
urunuka.” Abalewi 20:23



Ingaruka zo guca imanzi ku buzima

Nta kkintu na gito Imana yatubujije cyatuzanira umunezero ushyitse. Guca imanzi biteza akaga ubuzima bw'ababikora kuko bigira ingaruka zihutiyeho cyangwa ziza bitenze.

Mu ngaruka zishishana zizanwa no guca imanzi harimo:

(1) Ubwivumbure ku ruhu (Allergy)

Umuti ukorehswa mu guca imanzi (ink) ufite ibinyabutabire bitera uruhu rutabasha kubyihanganira. Ni umuti wiganjemo ibinyabitabire nka Aluminiyumu iza ku isonga mu guteza kanseri zitandukanye, Manganezi, Merikire n'ibindi.

Ubu bwivumbure bugaragazwa no kuzana ibibara ku ruhu, ibishyute biretsemo amazi, uburibwe bw'igice cy'uruhu, kubyimb kw'igice cy'uruhu n'ibindi.

(2) Ubwandu bwa MRSA (An MRSA Infection)

Hari ubwandu buzwi MRSA (Methicillin-resistant Staphylococcus aureus) buterwa na bagiteri yitwa Staph. Ni ubwandu bukunze kwinjirira muri iki gikorwwe cyo guca imanzi, kandi kubuvura biragorana cyane kuko ako Staph ifite imbaraga idasanzwe yo guhangana n'imiti yica udukoko (Antibiotics).

(3) Izindi ndwara zinyuranye

Uretse ubu bwivumbure n'ubwandu, mu guca imanzi habasha kwandurirwamo udukoko twangiza umwijima [Hepatitis C, B], agakoko gatera SIDA [HIV], igituntu cyo mu ruhu [Cutaneous tuberculosis], utubumbe ku ruhu/ amasununu [granulomas], Tetanosi, indwara ya Dermatitis, ibibyimba byo ku ruhu [Keloids], kanseri y'uruhu, ndetse na kanseri y'amaraso

"Ijambo ry'Imana rikoresheje ishusho nziza cyane kandi ikora ku mutima, ryerekana agaciro Imana iha imibiri yacu ndetse n'inshingano dufite yo kuyirinda no kuyitaho ngo ikomeze kugubwa neza. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera, uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge." "Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba, kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe." 1 Abakorinto 6:19; 1 Abakorinto 3:17.

Nimutyo abigishwa bacengerwe n'iki gitekerezo kivuga ko umubiri ari urusengero Imana ishaka guturamo, kandi ko rukwiriye kurindwa rukaba rwera, rukaba ubuturo bw'ibitekerezo bihanitse kandi bizira amakemwa. Igihe biga imikorere n'imiterere y'umubiri maze bagasobanukirwa ko "baremwe mu buryo buteye ubwoba butangaza" (Zaburi 139:14), bazuzuzwa umwuka wo kubaha Imana cyane. Aho kugira ngo bangize umurimo w'intoki z'Imana, bazagambirira gukora ibibashobokera byose kugira ngo basohoze umugambi utangaje w'Umuremyi. Bityo bizagera aho bumva ko kumvira amategeko yo kwitungira amagara atari ikibazo kibasaba kwihotora cyangwa kwiyinga, ko ahubwo mu by'ukuri ari umugisha n'amahirwe bitagerwa babonye." [16]

4

UMWIHARIKO
MU ISI YA
NONE



WARNING

Imana iduhamagarira gukora ubushakashatsi ngo tumenye ibyo Umwami ashima... ni ingorane kugendana n'ibyadutse, nyamara tutazi impamvu ibyihishe inyuma...

Ntabwo ari ukuba bikojeje isoni kandi bitubahisha ubyambaye gusa. Ahubwo bitekerejwe neza, ubyambaye yasanga nta muntu ukeneye kureba ibara ry'ikariso yambaye uyu munsu. Ikirenze ibi, iyi myambarire yihangishijeho kwambara ifite ubusobanuro burenze ubwo yaba yibwiraga mu buryo bumwe cyangwa ubundi.



4.1 IMYAMBARO Y'IBITINGWA

“Ntimuzi yuko abakiranirwa batazaragwa ubwami bw’Imana? Ntimwishuke. Abahehesi cyangwa abasenga ibishushanyo cyangwa abasambanyi, cyangwa **ibitingwa** cyangwa **abagabo bendana**, cyangwa abajura cyangwa abifuza, cyangwa abasinzi cyangwa abatukana cyangwa abanyazi, bene abo ntibazaragwa ubwami bw’Imana.” 1 Abakorinto 6:9-10

Isi ishyigikiye ikibi cyane! Amahanga yose yahururiye kuburana uburenganzira bw'abaryamana bahuje ibitsina, ndetse byinjizwa muri gahunda za Leta n'abanyamadini. Udashyigikiye uwo mushinga afatirwa ibihano biremereye.

Ariko kuba bishyigikiwe n'abakomeye si byo bibyeza, kuko Imana yabiciriyeho iteka uhereye kera kose. Igitekerezo cy'ibyabereye i Sodomu n'i Gomora (Itangiriro 19), ni akabarore ku bariho none n'umuburo ukomeye w'icyo twiteze imbere ku bwo kugomera Isumbabyose.

Iriya myambaro imanuka ku kibuno (izwi ku izina rya poketi) ifite inkomoko muri gereza. Imfungwa, bitewe n'imibereho ziba zibayeho, zitabona ibyo kurya bihagije, zihangayikishijwe n'imiryango zasize ndetse n'icyaha cyazo usanga zidafite umubiri wishimiye umubyibuho, maze kuko nta mfungwa yemerewe kwambara umukandara, usanga amakabutura yabo yamanutse, atabafata, maze agatangirwa n'ikibuno.

Abasore benshi iyo ubabajije impamvu bakunda kwambara iyo poketi, bagusubiza ko ari ibigezweho. Batekereza ko bituma bagaragara neza mu bandi.

Ibinyuranye n'umurimbo, iyi myambarire imanuka ku kibuno yatejwe imbere n'abagabo b'imfungwa berekanaga ko bashaka gukora imibonano mpuzabitsina, maze ihinduka imyambaro yihariye ku baryamana bahuje ibitsina (gays).

Mu by'ukuri, niba wambara gutya utari mu rugaga rw'abaryamana bahuje ibitsina, uragirwa inama yo kwambara mu bundi buryo.



4.2

IMYAMBARO Y'UBUHEHESI

“... kuko abahesesi n’abasambanyi Imana izabacira ho iteka.” Abaheburayo 13:4



Hari ibintu namenye vuba cyane rwose, byerekeye inkomoko yo kwisiga amabara ku minwa bikunzwe na bashiki bacu muri iki gihe.

Ubundi na byo bigitangira ngo byazanywe na ba bandi bakora umwuga wo kwicuruzwa, mu rwego rwo gutanga ibimenyetso ko biteguye.

Ngo ibi byakuwe ku mibereho y'inyamaswa zo mu bwoko bw'ingagi n'inguge: Izi nyamaswa iyo zarinze (zishaka imibonano mpuzabitsina), ngo zitukura iminwa. icyo ni cyo cyatumye na ba bandi na bo bavuga bati: "Ntitwabivamo guhamagara, ahubwo reka dukoreshe ikimenyetso, dutukuze iminwa, abatureba bamenye ko twiteguye!"

None se niba bimeze bityo, ntibitangaje kubona n'abaje mu rusengero batukuye iminwa ? Mbese ni kuki abantu bakunze ibirango by'imico itaboneye kandi batifuza kuyivugwaho ?

Tumenyereye imvugo ivuga ibyo kwangirika kw'ibidukikije dushaka kuvuga uko umwuka duhumeka wangiritse, akayunguruzo k'izuba kangiritse, isuri itwara ubutaka n'ibindi; ariko hari ukundi kwangirika gukomeye kw'ibidukikije, aho usanga mu binyamakuru, kuri interineti, kuri televiziyo, mu ma videwo y'indirimo n'amafilimi, n'ahandi hamanikwa ibyapa byamamaza, bakoresha amashusho ashishikariza abantu ubusambanyi cyane cyane bifatiye ku myambarire iteye isoni.

Abasore n'inkumi nyinshi, uyu muni bigira kuri iri koranabuhanga uburyo bwo kwambara, maze buri wese akaba afite umuntu w'icyamamare (star) agenderaho mu myambarire, atitaye ku kimutera kwambara gutyo cyangwa imico imuranga.



Uyu mwanya, abasore baributswa umudendezo bafite wo guhitamo icyiza n'ikibi. Abamamaza bashobora kumurika amashusho ashishikariza ikintu, ariko ntibashobora kuduhatira kumva cyangwa gukomeza kwita ku butumwa bwabo.

Ni ahacu kureba iby'ukuri biboneye kandi bihuje n'indangagaciro z'umuco.

5

INAMA Z'IMANA



*Ntabwo mba mvuga iby'ubupfu iyo
mvuze ko uburyo abagore bambara
hamwe n'ibyo bararikira, ari bimwe
mu mpamvu z'intege nke zabo.*

*Umugore umwe ku gihumbi niwe
ufubika amaguru ku buryo bukwiye.
Uko uburebure bw'umwambaro bwaba
bumeze kose, abagore bagomba
gufubika amaguru yabo mu buryo
bukwiye nk'uko abagabo babikora.*

- ELLEN G. WHITE, [15]



5.1

AMAHAME AGENGA IMYAMBARIRE IBONEYE

“Umurimbo wanyu we kuba uw’inyuma, uwo kuboha umusatsi cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukānisha imyenda, ahubwo ube uw’imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w’umwuka ufite ubugwaneza n’amahoro ari wo w’igiciro cyinshi mu maso y’Imana.” 1 Petero 3:3-4

Imyambarire ya gikristo ko hari umugisha uzanwa nayo kandi ko mu gihe cyo guhitamo imyambaro twambara dukwiriye kwita kuri aya mahame akurikira:

1. Isuku

“Igihe abisirayeri bari bavuye mu buretwa bwo mw’ Egiputa, bigishwaga ko bagomba kugira isuku mu buryo butajenjetse. Batari bateranira ku musozi Sinayi ngo basomerwe amategeko, abantu bategetswe kwiyuhagira no kumesa imyenda yabo. Nta gifite umwanda cyemererwaga kugera imbere y’Imana. Kuva 19:10.”

“... Mu butayi Abisirayeri bahoraga ahabona, ahari umwuka mwiza; mbese ahanyu hatari ibyabahumanya nk’ ibiboneka mu mazu. Nyamara ntibaburaga kugira isuku. Ntamwanda cyangwa ibishingwe byari byemerewe kuba aho bacumbitse. Uwiteka yaravuze ati: “ Kuko Uwiteka Imana yawe igendagenda aho muganditse kugira ngo igukize nicyo gituma aho muganditse hakwiriye kuba ahera.” Gutegekwa kwa kabiri 23: 14. [2, p.1-2].

Wabigeranya n’ abaturije za ruhurura zuzuye imyanda cyangwa ahandi hantu habi hanuka, hakikijwe n’ imyanda. Ese ntaruhare ubifitemo? Gira icyo ukora.

“Kugira ngo Abadiventisiti b’umunsi wa 7 bezwe kandi bakomeze kuba abera, bakwiriye kugira Umwuka wera mu mitima yabo no mu ngo zabo. Uwiteka yampaye umucyo yuko abisirayeli bo muri iki gihe nibicisha bugifi imbere yayo, kandi bakeza mu rusengero rw’ umutima imyanda ihumanya yose, azumwa amasengesho yabo.” [14, p. 218]

“Ukuri ntabwo gukoza ikirenge cyako cyiza mu nzira irimo imyanda cyangwa iyanduye. Uwahoraga yitaye ku bana ba Isirayeri kugira ngo bagire ingeso y’ isuku ntazakundira umwanda w’ uburyo bwose ko uba mu ngo z’ ubwoko bwe muri iki gihe. Imana yanga umwanda w’ uburyo ubwo ari bwo bwose.”

“Imyanda, kwirengagiza imfuruka zo mu nzu, byageza aho umuntu yirengagiza imfuruka z’ umutima. Ijuru riraboneye kandi rirera kandi abazanyura mu marembo y’ umudugudu w’ Imana bakwiririyeye kugirira mu isi isuku y’ imbere n’ inyuma.” [14, p. 118]




Abantu bamwe bagira ingeso mbi idakwiriye ntibarinde urusengero rw’ Imana: Aho birirwa iyo mu kazi, iyo mu ngendo, babona icyo kurya bagapfa gufatisha intoke zonyine (amatunda, imikati, cyangwa se ubunyobwa...), bakarya. Ababyeyi nabo bataha, bagasanganirwa n’abana; ngo amugirire neza akamuramiza icyo ahashye uko cyakabaye kidasukuye! Ku rundi ruhande, bene Data bamwe basabanye bagasangirira ku gacuma bahererekanya umuheha umwe! Mbega uburyo bamwe bahandurira indwara zikomeye zandura nka sida, igituntu n’ ibindi!

Umwuka mwiza ni bwo buzima bwiza. Abantu benshi ntibazirikana akamaro k'umwuka mwiza mu buzima bwabo. Imyanya yose y'umubiri igira ikiruhuko cyo kwinjiza ibyo ikeneye, ariko ingingo zishinzwe umwuka zo ntiziruhuka, keretse twapfuye.

Umuntu yavuga ko kubaho k'umuntu ari umwuka. Umwuka mwiza umubiri wacu ukeneye ni uwa ogisijeni; ariko hari n'umwuka mubi tudakeneye ariwo karibonike. Uwo iyo utugezemo, uzibiranya imbaraga z'umubiri ntukore neza.

Umwuka wa Okisijene tuwuhabwa n'ibimera ku manywa, naho nijoro tugahumeka akaba kasigaye mu kirere kubw'imbaraga y'Imana.

Ariko birababaje kubona abantu b'iki gihe batitaye ku mwuka mwiza bahumeka: gutereka imbabura icyanye mu nzu tubamo bitwika wa mwuka mwiza, cyangwa kuryama ahafunganye ubundi hadafite idirishya rihagije ryo kuwinjiza cyangwa kwiyorosa mu maso ukamiramiza, ibyo byose byatuzanira ingorane. Umwuka mubi wa karibonike uturuka no mu rwokotsi rw'amamodoka, amapikipiki n'inganda; maze ugasanga iyo bihise biwutumura natwe dutezeyo amazuru tuwuhumeka! Mbega uburozi! Nijoro ugasanga umuntu yahwereye ngo ntazi impamvu!



Uku ni ko n'imyambaro yacu ikwiriye kuba ifite isuku: ikameswa buri igihe, kandi aho bishoboka ikagororwa [igaterwa ipasi] kugira ngo igaragare neza.

Ibyo bizajyana no kwambara imyenda ikwiriye, ituma duhumeka umwuka mwiza mu bwisanzure.

2. Kwicisha bugufi:

Umukristo amenyekanira ku myambarire ye nuko yitwara aho agenda hose. Ubuhamya bwe bugaragaza ko yicisha bugufi. Uburyo twambara bigaragariza ab'isi abo turi bo cyangwa icyo turi cyo. Ubwo buhamya ni bwo bwerekana urukundo dukunda Yesu


“Imana yagennye ko haba itandukaniro rinini hagati y’imyambaro y’abagabo n’iy’abagore. Ikindi kandi, yashizeho amabwiriza asobanutse, avuga ko umwambaro umwe ku mugabo n’umugore ubasha guteza urujijo bityo n’amafuti akiyongera. Iyaba Pawulo yari akiriho, yakagombye gusenya iki kintu mu bagore. Ni muri ubwo buryo avuga ko abagore bakwiriye kwirimbisha mu buryo buciriritse, badashyira amabara mu misatsi yabo, batirimbisha amazahabu cyangwa marijani n’ibindi bintu by’igicro. Ahubwo bakwiye kwirimbisha imirimo myiza. Abakristo benshi, barahindukira bakareka inyigisho z’Intumwa, bakirimbisha amazahabu, zamarijani, n’ibindi bintu by’igicro.

Ubwoko bw’Imana ni umucyo w’isi kandi bukaba umunyu w’isi. Bugomba kumenya ko uruhare rwabo ari ingenzi cyane. Ntibagomba guheza inguni ngo bambare imyenda miremire cyane cyangwa imigufi. Abatizera bararikirwa kwegerezwa Ntama w’Imana bacika intege bewe n’abababanjirije mu rugendo. Impinduka nyinshi zirakenewe kubijyanye n’imyambarire y’abagore bijyanye n’imibereho myiza kandi idatesheje agaciro uyambaye.” [15, p. 390]

3. Imyambaro ikwiriye:

Abakristo ntibagomba kwambara nk'ab'isi, mu buryo bukurura "irari ry'umubiri" (IYohana 2:16). Kugira ngo Abakristo bahamye kwizera kwabo, bagomba kwambara imyambaro ikwiriye kandi bagakora ibikwiriye kugira ngo bagire ubuzima bwiza kandi barwanye kwifuza kose kubi. icyifuzo cyabo ntabwo ari ukwiyerekana, ahubwo ni uguhesha Imana icyubahiro.

4. Kwambara neza kandi udatagaguje



Kugira ngo bacunge neza umutungo Yesu yababikije, abakristo nk'ibisonga byiza, bagomba kwimenyereza kudatagaguza, birinda kwambara "Izhabu, inigi n'imyambaro ihenze cyane" 1 Timoteyo 2:9. Rimwe na rimwe ushobora kugura imyambaro ifite agaciro kandi ikaramba cyane.

5. Imyambaro itangiza ubuzima:

Ibyo kurya ntabwo ari byo byonyine bigize ubuzima. Imyambaro yose idatwikira umubiri ku buryo buhagije, iboshye umubiri kandi ishobora kwangiza umubiri igomba kurekwa.

Ni ingenzi kuzirikana amahame y'ibyanditswe Byera, atwerurira ko:

A. Ubwiza bw'ukuri bugargarira mu mico:

Ubwibone mu myambarire igezweho ntabwo bunezeza Imana (1Timoteyo 2:9). Ntabwo abakristo bazarehereza abatizera ku gakiza bitewe no kumera cg kwitwara nkab'isi, ahubwo bitewe no kubereka imyitwarire itandukanye n'iyi, ibareshya kandi ibakurura cyane. Petero yavuze ko abagabo batizera bashobora kureshya n'imico myiza y' abagore babo, nubwo baba ntacyo bavuze. Yabagiriye inama ko aho kwirimbisha inyuma, bagira umwete bagaharanira umurimbo w'imbere mu mutima, umurimbo udasaza w'ubugwaneza n'amahoro, uwo ni wo ufite agaciro gakomeye ku Mana (1Petro 3:1-4).

“Kandi n'abagore ni uko ndashaka ko bambara imyambara ikwiriye, bagira isoni, bitonda, kandi batirimbisha kuboha umusatsi izahabu cyangwa imarigarita cyangwa imyenda y' igiciro cyinshi, ahubwo birimbishe imirimo y' ingeso niza nk' uko bikwiriye abagore bavuga ko bubaha Imana.” 1Timoteyo 2:9-10.

B. Kwiyoroshya bigendana no kwivugurura hamwe no guhinduka mu buryo bwa Mwuka

Igihe Yakobo yabwiraga ab' umuryango we kwiyeza bakiyegurira Imana, bitandukanyije “n' imana zose z' abanyamahanga zari hagati muri bo, bikuraho n'impeta zari ku matwi yabo” maze yakobo arabihamba byose, Itangiriro 35: 2-4.

Nyuma y' ubuyobe bw' Abisilayeli ubwo baramyaga inyana ya zahabu, Imana yarababwiye iti "Nuko mwiya mbure iby'umurimbo byanyu, kugira ngo menye uko mbaseza", nuko nk' ikimyetso cyo kwihana, "Abana ba Isirayeli biyambura iby'umurimbo byabo" Kuva 33:5-6. Pawulo ahamya neza ko ibyanditswe byavuze iby'ubwo buyobe ngo "biduhugure twebwe abasohoreweho n'imperuka y' ibihe". 1 Korinto 10:11.

C. Urukundo ni rwo nkingi y'ubukristo nyakuri

"Ngiri itegeko ryanjye: mukundane nk'uko nabakunze." Yohana 15:12

"Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana. Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo." 1 Yohana 4:7-8

Mu gihe umugabane munini w' umubumbe wacu wugarijwe no kurya indyo ituzuye, abandi batagira ingano bakaba bicwa n'inzara, gukunda ibintu birushaho kwigarurira imitima ya benshi. Imyambaro ihenze cyane, amamodoka, ibyo kwirimbisha, kuba mu mazu ahenze ... kubwo kwiyoroshya mu buzima bwabo, nk' uburyo bwo kubaho, abakristo nyakuri barwanya bivuye inyuma uwo muco w' imiryango y'iki gihe wo gukunda ibintu kurusha abantu.





5.2

ICYO IMANA YITEZE KU BANTU BAYO

“Ahubwo mwambare Umwami Yesu Kristo, kandi
ntimuhe urwaho imibiri yanyu ngo ibone uko ikora ibyo
yifuza.” Abaroma 13:14

Wowe musomyi, usonzeye kumenya ubushake bw’Imana bwerekeye imyambaro, zirikana cyane ibi bikurikira:

1. Kunoza amabwiriza y’imyambarire ntibihesha agakiza.

Ndongera gusubiramo aya magambo: Kugerageza gukemura ikibazo cy’icyaha bikomotse ku mirimo yacu n’ibikorwa byacu nta kindi bizatuzanira uretse umuruho no gucika intege vuba.

“Twese twahindutse abanduye, kandi n’ibyo twakiranutse byose bimeze nk’ubushwambagara bufite ibizinga” (Yesaya 64:5). “Nyamara tumenye ko umuntu adatsindishirizwa n’imirimo itegegetswe n’amategeko, ahubwo atsindishirizwa no kwizera Kristo... Kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimo itegegetswe n’amategeko.” Abagalatiya 2:16.

“Nuko namwe nimumara gukora ibyo mwategetswe byose muje muvuga muti: turi abagaragu batagira umumaro, kuko twasohoje gusa ibyo twabwiwe gukora” Luka 17:10. “Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana. 9Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira uwirarira.” Abefeso 2:8,9.

Ni ubupfu cyane kwibwira yuko umuntu azinjira mu ijuru no kumvira amategeko.

“Umuntu ugerageza kujya mu ijuru abiheshejwe n’imirimo ye cyangwa gukomeza amategeko, agerageza ibidashoboka. Umuntu ntashobora gukizwa atumvira, nyamara imirimo ye ntaturuka muri we ubwe; Kristo ni we ukwiriye kumutera gushaka no gukora ibyo yishimira.” [17]

2. Abakiriye Kristo mu bugingo bwabo bazamwubahisha no mu myambarire yabo

Kristo Yesu ni we wivugira ati “Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w'ukuri.” Yohana 14:15-17

“Iyo Mwuka w'Imana ahawe umwanya mu mutima, ahindura imibereho y'umuntu. Intekerezo z'icyaha zikurwamo, ibikorwa bibi bikarekwa; urukundo, kwicisha bugufi, n'amahoro bisimbura uburakari, ishyari n'amahane. Ibyishimo bikajya mu mwanya w'agahinda, maze mu maso hawe hakagaragaza umucyo mvajuru.” [6, p. 114]

Impamvu yo gutuma abantu bambara nabi cyangwa kwitwara nabi nkuko ibyanditswe bikomeza kubigaragaza ni uko batakiriye Kristo mu mibereho yabo ngo bemere ko ahindura ibitekerezo byabo maze ngo bagengwe na we.

Dore uko Ellen G.White abivuga agaragaza itandukaniro ry'abakiriye Kristo n'abataramwakiriye:

“Ibyo bangaga kera noneho barabikunze kandi ibyo bakundaga barabyanga” Abibone n'abirasi bahindutse abagwa neza n'abafite imitima yicisha bugufi. Abapfapfa n'abirasi bahindutse abantu bubaha, abasinzi bahindutse abantu birinda, kandi abahehesi baba abantu birinda. Ibigezweho by'isi bitagira umumaro byararetswe. Abakristo ntibaba bagiharanira umurimbo w'Inyuma nko kuboha imisatsi, kwambara ibyakozwe mu izahabu cyangwa se imyambaro y'akarusho ahubwo bagize umurimbo w'imbere mu mutima. Umurimbo w'ubugwaneza n'amahoro.... ufite agaciro gakomeye ku Mana (1Petero).” [1, p. 331]



“Hari icyo Imana igushakaho nk’ingaruka z’igitambo gikomeye cyatanzwe ku bwawe. Irashaka ko muba abakirisito by’ukuri, butari ubukristo bwo ku mazina gusa, ahubwo mu myambarire no mu biganiriro no mu mvugo. Imana irashaka ko tunyurwa n’imyambarire iri mu rugero, idahenze kandi itari iy’imirimbo cyane. Irashaka ko imico yacu ireshya abantu mu buryo bwashimwa n’ijuru. Mbese nshuti rubyiruko mwaba mwiteguye kuyitenguha ku cyo ibategerejeho? Imigaragarire y’inyuma burya akenshi aba ari igishushanyo mbonera cy’ibiri mu ntekerezo kandi dukwiriye kwita cyane kubyo dushyira ahagaragarira bese, baheraho bagira icyo bavuga ku kwizera kwacu.

Turashaka ko mukurikira Yesu nk’abana bakundwa bubaha, bagashyira mu bikorwa ibijyanye n’ubushake bwe muri byose. Turashaka ko munezeza umucunguzi wanyu, mushimikiriye kurushaho gushaka umurimbo w’imbere. Imburamumaro n’abatagira icyo bitaho bakunda imirimbo bishobora ko ari abayoboze ba Kristo, ariko iyo witaye ku myambarire n’ibiganiriro byabo, byerekana ibyo bafite mu ntekerezo kandi byigaragaza mu byo bishimira. Mu mibereho yabo basa nk’abahakana isi, ariko isi yo igahamya ko ari abayo.

Igihe kinini gipfushwa ubusa mu gutunganya no kwirimbisha gukabije mu by’imyambarire bashaka gusa n’ab’isi, gikwiriye gukoreshwa mu gushakashaka n’umutima wose mu kwiga ibyanditswe byera. Hari andi masaha yangizwa cyane kurusha mu kwirimbisha, yaba ay’agaciro cyane kurusha zahabu, abaye akoreshejwe mu gushaka kumenya amahame y’ukuri ndetse n’izindi ndangagaciro. Mu gihe bategura imyambaro yabo, baba bita cyane ku gutekereza niba iyo myambarire idatesha agaciro umurimo cyangwa ubutumwa batwaye? Abakristo ntibakwiriye kwirimbishisha ku mubiri iby’igiciro cyinshi bakabya!” [18]



“Niba turi abakristo tuzakurikira KRISTO, bona nubwo inzira yaba itabasha kwihanganira akamero na kamera twavukanye. Nta mpamvu ituma ubwirwa ngo ntukambare ibi n’ibi, kuko urukundo ubikunda ari ipfundo ubwibone bwawe bushingiyeho, bizagorana cyane uzisanga kamere yagusubije muri bwa bubata. Hagomba kwitegeka.

Ndinginga cyane abantu ngo bajye baza imbere y’Imana bubashye kandi baciye bugufi cyane. Ni habeho kwambara, hakurikijwe cyangwa bitabangamiye gahunda y’amategeko y’ubuzima. Reka abakobwa n’abagore bambare imyenda itababoshye, nkuko bamwe babigenza. Bambare imyenda myiza, iramba, ijyanye n’ikigero cy’imyaka yabo, ubundi ibibazo by’imyambarire bireke kuba ari byo bituraje inshinga mu ntekerezo. Reka bambare rwose mu buryo bucirirtse, bakwiriye kwambara bikwije ntagakabyo, bashira isoni, badasinda. Nihatangwe urugero ku b’isi, iby’umurimbo w’imbere ukenewe kubw’ubuntu bw’Imana.” [19]

Amagambo asoza

Mu gitabo cy’ umugenzi, tubonamo umugabo SONI. Uyu ni Dayimoni ukaze utwongorera umunsi ku wundi kwirebera mu ndorerwamo abandi batubonamo. Umwanditsi w’iki gitabo avuga ko yamutsinze bigoranye cyane. Uwo tubwirwa ko:

“Yasebyaga kubaha Imana ubwako. Yavuze yuko kwita ku byo kubaha Imana biteye igisuzuguriro n’umugayo no kubwerabwera. Ati: Uwumvira umutima ukabya kumuhana si umugabo nyamugabo. Kandi umuntu azasekwa na bese niyirinda mu byo akora, akiyima umudendeze ufatanye n’agasuzuguro bikundwa n’abanyacyubahiro b’iki gihe. Ati: Ni bake cyane bo mubakomeye cyangwa abatunzi cyangwa abanyabwenge bigeze gutekereza nkawe, kandi nta wo muri abo bake wigeze kubyemera, atabanje koshywa guhinduka umupfapfa no kwiambura ubwenge no guharira ibye byose kubona ibitazwi n’undi wese (1 Abak.1:26; 3:18; Abafil. 3:7-9; Yoh.7:48).

Ati: mu bihe byose abanyacyubahiro gike n’aboroheje n’abanyabwenge buke bwo gucurikira ibyo mu isi nibo babaye abagenzi... Ati: ibi biteye isoni gusaba mugenzi wawe kukubabarira ibyaha bito wamugiriye, cyangwa kuriha umuntu ibyo wamuriganije. Kandi yavuze yuko kubaha Imana gutuma umuntu adakunda kubana n’abanyacyubahiro, abahoye ingeso mbi nke (ku bwe azita nziza): Akubaha aboroheje, abakundira ko basangiye kubaha Imana: ati Ibyo na byo ntibiteye isoni se? ” John Bunyan, Umugenzi Vol.1, P.73.

Abasogongeye ku rukundo rw’Imana, bo bazi igikwiriye ku bantu b’Imana.

“Iyo Mwuka w’Imana ageze mu bugingo bw’umuntu, kubwo imbaraga ze zitangaje, zicisha bugufi icyubahiro no kwishyira hejuru kwa muntu. Ibinezera by’isi n’imyanya y’icyubahiro bigaragara ko nta gaciro bifite. ‘Dukubita hasi impaka n’ikintu cyose cyishyiriye hejuru kurwanya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomorerere Kristo’ (2 Korinto 10:5), maze kwicisha bugufi n’urukundo rurangwa no kwitanga, bidahabwa agaciro mu bantu, bishyirwa hejuru, kandi bigahabwa agaciro kihariye.” [6, pp. 80-81]

“Ntimugakunde iby’isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby’isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we. Kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry’umubiri ari n’irari ry’amaso, cyangwa kwibona ku by’ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko ukora iby’Imana ishaka azahoraho iteka ryose.” Yohana 2:15-17

Mbese ukunda Yesu? Ngaho, mwemerere akwereke uko wambarara, kandi uzaba uberewe rwose

INDANGASOKO

- [1] E.G. White, Intambara Ikomeye, Mountain View, California: Pacific Press Publishing Association, 1950, pp. 383–384.
- [2] E.G. White, Rengera ubuzima, vol. 2, Mountain view: Ellen G White Estate, 1900, p. 6.
- [3] E. G. White, Kugana Yesu, 2013, p. 13.
- [4] E.G. White, Patriarchs and Prophets [Abahanuzi n'abami], Ellen G. White Estate, 1890, p. 45.
- [5] E. G. White, Maranatha, Ellen G.White Estate, p. 78.
- [6] E. G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose, 2010, p. 30.
- [7] E. G. White, The Spirit of prophecy, vol. 1, pp. 128–129.
- [8] E. G.White, Testimonies for the Church, vol. 3 T, p. 476.
- [9] The Youth's Instructor, June 1900.
- [10] E. G. White, Sons and Daughters of God, pp. Sons and Daughters of God, 287..
- [11] E. G. White, Testimonies for the church [Ibihamya by'Itorero], vol. 5, p. 469.
- [12] E. G. White, Patriachs and Kings [Abahanuzi n'Abami], p. 591.
- [13] KigaliToday, "Ni ryari bavuga ko umuntu yishe cyangwa yataye umuco?," [Online]. Available: <https://www.kigalitoday.com/umuco/umurage/article/ni-ryari-bavuga-ko-umuntu-yishe-cyangwa-yataye-umuco>. [Accessed 2 10 2019].
- [14] E.G. White, Inama Zigirwa Itorero, Vol.2, pp. 100–101.
- [15] E.G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, vol. 2, p. 354.
- [16] E.G. White, Uburezi, p. 209.
- [17] E.G. White, Review and Herald,, 1 July 1890.
- [18] E.G. White, Ubutumwa ku Basore, pp. 346–347.
- [19] E.G. White, Ibyaduka byo mu minsi y'imperuka, pp. 88–89.
- [20] John Bunyan, Umugenzi, vol. 1, p. 73.



HABYARIMANA Eric yavukiye mu karere ka Ruhango i Muyunzwe mu muryago w'abakristo bo mu idini Katolika (1991), arererwa i Kirinda, ahatangiriye ubuporotesitanti mu Rwanda. Yabaturijwe mu idini y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Afite impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza mu by'Imbonezambano (Sociology) yakuye muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda, College of Arts and Social Sciences).

Ku byerekeye ubumenyi mu by'lyobokamana, yakurikiye amasomo y'Urubiruko rw'Abadiventisiti bimuhesha kuba Umuyobozi Mukuru (Master Guide) mu 2011; yakurikiye amasomo y'iby'lyobokamana na Siyansi (Science and Religion 101) muri Kaminuza ya Alberta (Alberta University_ College of St Joseph / Canada) ndetse n'Isomo ry'Amateka y'izamuka ry'Ubukristo (A Journey through Western Christianity: from Persecuted Faith to Global Religion (200 - 1650) muri Kaminuza ya Yale ho muri Kaliforuniya (Yale University_ Connecticut/USA).



Mu kuzirikana ibitangaza Imana yagiye imukorera mu buzima bwe, yiyumvamo umwenda munini wo kwegurira Yesu ubuzima bwe ngo bukoreshe na we mu kumurikisha umucyo muto yakiriye_ kugira ngo ayobore abantu kuri Mucyo w'Ukuri ari we Yesu Kristo. Mu 2020, yatangiye Ivugabutumwa ry'ya kure (Digital Evangelism) muri gahunda yiswe **Jye na Yesu Ministry**.

Ni na we mwanditsi w'Igitabo Kibumbuye.

